

# Imitekereze ku buzima bw’ Umwuka



Ikigo Ruhi





Igitabo cya 1

# Imitekereze ku buzima bw' Umwuka

Ikigo Ruhi

Ibitabo bya Ruhi:

Dore bimwe mu bitabo bikurikirana birebana n'amasomo ahoraho ya Ruhi. Ibyo bitabo big- ambiriye gukoreshwa mu rukurikirane nyamukuru rw'amasomo bijyanye n'ingufu zikoresh- wa muri gahunda yo gukomeza ubushobozi bw'urubyiruko hamwe n'abakuru mu gukorera ukwemera mu miryango y'abemezi aho batuye. Urwego rw'amasomo ya Ruhi nanone, rute- gura amasomo yihariye ashamikiye ku Gitabo cya 3 kirebana no gutoza abarimu b'amashuri y'abana, hamwe n'urukurikirane rw'andi masomo yo mu Gitabo cy 5 agamije gutoza abafash- a mu biganiro mu matsinda y'urubyiruko. Mu rutonde rukurikira niho ayo masomo agaragaramo. Ni ngombwa kumenya nanone ko urwo rutonde rushobora guhinduka bijyanye n'impinduka uko ubumenyi bugenda bwiyongera muri uwo murimo, ku buryo haziyongeramo ibindi bitabo uko hagenda hategurwa andi masomo y'inyongera n'uburyo ubushobozi bwo kuyasakaza bu- zagenda buboneka.

| | |
|---|---|
| Igitabo cya 1 | *Imitekereze ku buzima bw' Umwuka* |
| Igitabo cya 2 | *Guhagurukira gukorera Ukwemera* |
| Igitabo cya 3 | *Kwigisha Amasomo y'Abana, Urwego rwa 1* |
| | *Kwigisha Amasomo y'Abana, Urwego rwa 2* (Ishami ry'amasomo) |
| | *Kwigisha Amasomo y'Abana, Urwego rwa 3* (Ishami ry'amasomo) |
| | *Kwigisha Amasomo y'Abana, Urwego rwa 4* (Ishami ry'amasomo) |
| Igitabo cya 4 | *Intumwa z'Imana z'Impanga* |
| Igitabo cya 5 | *Gukangura Ingufu z'Abangavu* |
| | *Itangiriro ryo gukangura : Ishami rya mbere ry'Igitabo cya 5* |
| | *Gukanza Uruziga : Ishami rya kabiri ry'Igitabo cya 5* |
| Igitabo cya 6 | *Kwigisha Ukwemera* |
| Igitabo cya 7 | *Kugendera hamwe mu Nzira yo Gukorera Ukwemera* |
| Igitabo cya 8 | *Isezerano rya Baha'u'llah* |
| Igitabo cya 9 | *Gusobanukirwa Amateka y'Ukwemera* |
| Igitabo cya 10 | *Kubaka Imiryango y'Abemezi ifite Imbaraga* |
| Igitabo cya 11 | *Ubushobozi butari ubw'umwuka* |
| Igitabo cya 12 | *Urugo hamwe n'Umuryango w'Abemezi* |
| Igitabo cya 13 | *Kwitabira Ibikorwa Rusange* |
| Igitabo cya 14 | *Kwitabira Ibiganiro Mbwirwaruhame* |

Copyright © 2008, 2021 by the Ruhi Foundation, Colombia
All rights reserved. Edition 4.1.2.PE published in December 2025
Printed in Rwanda

Originally published in Spanish as *Reflexiones sobre la vida del espíritu*
Copyright © 1987, 1995, 2008, 2020 by the Ruhi Foundation, Colombia
ISBN 978-958-59880-3-3

Permission for a limited printing of this book in Kinyarwanda has been granted by the Ruhi Institute.

Ruhi Institute
Cali, Colombia
Email: instituto@ruhi.org
Website: www.ruhi.org

# Ibirimo


Ibitekerezo byo gufasha umutiteri ........................................... v

Imyumvire y'ibyo dusoma mu Nyandiko za kibahá'í .............. 1

Isengesho ........................................................................ 15

Ubuzima n'urupfu.................................................................. 33

# Ibitekerezo byo gufasha umutiteri

Umubare w'uduce aho *Imitekereze ku buzima bw' Umwuka*, igitabo cya mbere ku masomo yatanzwe n'ikigo Ruhi, cyigwa hose ku isi wakomeje kwiyongera mu myaka myinshi ishize. Kenshi, imfashanyigisho irasomwa kandi ikaganirwaho n'amatsinda y'inshuti, zishobora kuba zigize uruziga rw'amasomo ruhura ku buryo buhoraho, zishobora kandi guhurira ahantu hamwe mu buryo bw'amahugurwa yaguye, cyangwa zigahurira mu icumbi runaka mu gihe cy'ibiruhuko by'amashuri. Igihe icyaricyo cyose zihuye, umwe mubagize itsinda ashobora kuba umutiteri. Isano riri hagati y'umutiteri n'abandi bagize ikiganiro ntabwo ari iry'umwarimu ku banyeshuri, bose ahubwo baba bakora mu buryo buri wese aba afite inyota yo kumenya. Ariko ntibibuza umutiteri kuba yakomeza kuyobora ikiganiro ari nk'aho nawe yiga. Mu gihe aba yararangije umubare uhagije w'amasomo y'uruhererekane yaranakoze ibikorwa by'ubwitange, atera umuhate kandi agafasha buri umwe mu bagize itsinda kugera ku ntego y'isomo riba ryizwe. Byaba byiza abatiteri b'igitabo cya mbere bagiye basoma rimwe na rimwe ibitekerezo bikubiye muri aka gace k'intangiriro.

Ahantu hose, abitabira kwiga iri somo rya mbere ry'ikigo baturuka mu mpande zose z'isi. Bamwe baba ari ababahá'í baba bizeye kongera ubushobozi bwabo bwo kwitanga. Abandi bafata iri somo nk'uburyo bw'intangiriro bwo gushaka kumenya byimbitse ukwemera kwa kibahá'í nk'idini. Abandi nanone bakururwa n'ibitekerezo bya kibahá'í noneho bakifuza kurushaho kwihuza n'intego n'ibikorwa by'umuryango. Nanone hari umubare urushaho kwiyongera w'urubyiruko by'umwihariko rwifuza guteza imbere ubushobozi bwo gukorera umuryango tubamo cyane cyane binyuze muri imwe muri gahunda ishyigikiwe n'umuryango w'ababahá'í, bakiga iri somo nk'intambwe ya mbere.

Uko bigaragara, bikwiye kubonwa na buri muntu ugize itsinda ko amasomo y'ikigo Ruhi aca inzira yo gukorera ikiremwamuntu, aho buri wese anyuramo mu muvuduko we bwite, afasha kandi ari nako nawe afashwa n'abandi. Kugenda iyi nzira bisaba gukurikira intego ebyiri z'impanga: Kwita ku iterambere ry'ubutungane n'ubwenge by'umuntu ku gite cye no kugira uruhare mu ihinduka ry'umuryango tubamo. Gukomeza muri iyi nzira bisaba kuba warateye imbere mu bushobozi bumwe na bumwe busaba kumva no gusobanukirwa, imigenzo y'ubutungane n'imyitwarire ishimwa hamwe n'ubundi bushobozi. Isoko y'ubumenyi aho ibitabo by'Ikigo bivoma, ku ruhande rumwe ni inyigisho z'ukwemera kwa kibahá'í, ku rundi ruhande ni uburambe bukomeza gukura bw'umuryango w'ababahá'í ku rwego rw'isi mukubaka umuryango ukungahaye kubutunzi

no kubutungane. Ikigo gishingira kucyerekezo cya Bahá'u'lláh ku mihindukirire yifuzwa kubo dushobora guhinduka hamwe n'umuryango dushobora kubaka. Biteganyijwe ko abagize uruziga rw'amasomo, hatitawe ku bumenyi bwabo, batumiwe kuyoboka iki cyerekezo, gisobanurwa neza muri buri gice cya buri gitabo.

Mu isi, aho imyemerere n'ingengabitekerezo bigerageza gukoresha uburyo bwose bushoboka ngo byigarurire abayoboke, umuntu utamenyereye Ukwemera ashobora kwibaza cyane kucyo Ikigo Ruhi kigamije, cyane cyane yibaza ati "Ese ndasabwa guhindura idini?" cyangwa se "ndasabwa kwinjira muri iri dini?" Ibyo bibazo biha umutiteri amahirwe yo gusobanura ikiba kigamijwe mu kwiga urukurikirane rw'amasomo nkuko byavuzwe haruguru. Ni ibisanzwe ko ababahá'í bishimira kubona inshuti zabo zinjira mu muryango, umutiteri ashobora kongeraho ko Inyigisho ubwazo zibabuza kujya mu gikorwa cyo gushaka guhindura imyemerere y'abantu ngo babe abayoboke. Kunyura mu nzira y'ubwitange ifunguwe n'amasomo y'ikigo bihamagarira buri wese mu kuba yacukumbura inyigisho za Bahá'u'lláh, ikintu imfashanyigisho zisobanura mu buryo bwumvikana; kwakira no kwemera ni ibintu buri muntu wese agomba gutekerezaho mu buryo busesuye kandi nta gahato.

Ntabwo bitangaje rero ko iki gitabo cya mbere gitangirira ku ngingo y'ugusobanukirwa, ikintu k'ibanze mu bitabo by'uruhererekane. Gusoma Inyandiko ntagatifu ntabwo ari kimwe no gusoma ibihumbi by'amapaji y'ibitabo bisanzwe umuntu ahura nabyo mu buzima busanzwe, n'igice kivuga "Imyumvire kubyo dusoma mu Nyandiko zakibahá'í" kigamije kongera ubushake bwo gusoma buri munsi imirongo iri mu Nyandiko ntagatifu no kuzirikana ibikubiyemo, akamenyero rero kazafasha cyane abagize uruziga mu gihe nabo bazaba batangiye inzira y'ubwitange. Mu kubayobora mu masomo yabo, umutiteri agomba kwitondera cyane ingingo ijyanye no gusobanukirwa.

Inyandiko za kibahá'í zifite ukuri kwimbitse mu buryo bw'umwuka, kandi nubwo dukomeza kurushaho gushyira imbaraga mu gusesengura igisobanuro cyazo kitagira iherezo, tuziko tudashobora kugera aho dusobanukiwe byuzuye. Muri rusange twunguka ubusobanuro bw'ibanze mu gihe tugisoma imirongo ku nshuro ya mbere kandi n'icyiciro cya mbere cy'igice gifatwa nk'uburyo bwiza bw'itantangiriro. Bityo, nyuma yo gusoma umurongo uvuga ngo "Imitunganyirize y'isi ishobora kugerwaho biturutse ku bikorwa byiza bizira inenge no ku myifatire itunganye kandi igororotse", abagize uruziga barabazwa gusa bati "Imitunganyirize y'isi ishobora kugerwaho gute?". Ukibibona ibibazo n'imyitozo bimeze gutya bigaragara nk'ibyoroshye cyane. Ariko imyaka y'uburambe yerekana impamvu y'icyemezo cy'Ikigo, cyo gutangira gutya. Twese dukeneye kwibutswa ko, mu gihe tuba turi kwishakira ukuri mu mirongo dusoma, ntabwo ibitekerezo byacu bigomba kwirengagiza ubusobanuro bwayo busanzwe. Rero, ukwita kuri ubu busobanuro busanzwe biba ingenzi cyane mukiganiro kibera hagati y'abagize uruziga; byongera uguhuriza hamwe ibitekerezo, byoroshye kugerwaho mugihe imyumvire y'umuntu ku giti cye yemeye kumurikirwa n'ubushishozi bw'Imana.

Ni ngombwa kumenya yuko kumva igisobanuro cy'ako kanya cy'imirongo bidaturuka ku mpaka zagiweho ku ijambo rimwe ridasobanutse neza. Ibyo bishatse kuvuga ko ari ngombwa ko abagize uruziga bashaka ubusobanuro bw'ijambo mu nkoranyamagambo rimwe na rimwe. Ariko igishobora gutanga umusaruro kurushaho ni uko abagize uruziga bumva igisobanuro cy'amagambo binyuze mukunva interuro n'ibika.

Kugirango ubumenyi bwiyongere maze burenge igisobanuro gisanzwe gusa cy'amagambo, ingero zigaragaza uko ibitekerezo bishobora gushyirwa mu bikorwa zaba ingirakamaro. Igisabwa rero kugirango ibi bigerweho ni imyitozo yoroshye. Urugero nko mucyiciro cya 2, abagize uruziga, nyuma yo gusoma imwe mu mirongo, bahamagarirwa kuvuga niba hari imigenzo imwe nimwe ikwiye gushimwa. Kuwundi mwitozo wo mucyiciro cya 4, basabwa gutanga ingero z'imigenzo itanu, bakanahitamo niba bishoboka ko haba hari n'umwe muri yo watunga mu gihe nta kuri ufite. Ibyo byasobonuwe mu Nyandiko nk' "ishingiro ry'imigenzo myiza yose y'abantu."

Kugirango hagerwe ku ntego, igice gisaba abagize uruziga gusobanikirwa byimbitse, batekereza ku gisobanuro cy'amagambo yagaragajwe. Mu cyiciro cya kabiri basabwa guhitamo niba invugo "Hariho abantu beza bake cyane mu isi ku buryo ibikorwa byabo nta kamaro byagira" ari ukuri. Hano ikigamijwe si ugushaka ibindi bitekerezo. Umutiteri agomba kwitsa gato noneho agaha umwanya abagize uruziga bagasobanura impamvu y'uko basubije. Abagize uruziga bakwiye kugera ku mwanzuro ko iyi mvugo atari impamo kuko ivuguruza ibango rya mbere mu cyiciro kibanza. Ikibazo cyo kumenya niba ababahá'í bashobora kwicuza ibyaha byabo ku bandi bantu ni urugero narwo rw'ubu bwoko bw'umwitozo. Ibyo bigaragara ko bibujijwe mu nyigisho zijyanye no kwicuza nk'uburyo bwo kubabarirwa ibyaha, ikintu kitagaragazwa neza mu nyandiko zose zizweho, ariko gishobora kugaragara ubashije gusobanukirwa igisobanuro cy'umurongo "Isuzume buri munsi mbere y'uko uhamagarwa imbere y'urubanza."

Ntago imyitozo igamije kugutinda kugisobanuro cy'imirongo yizweho. Ikibazo kimwe umutiteri agomba kwibaza ni ukumenya kuruhe rugero bagomba kuganira ku mwitozo uba watanzwe. Ni ngombwa rero kuzirikana ko kongera umwanya w'ikiganiro, wongeramo n'izindi ngingo zisa n'insanganyamatsiko iri kuganirwaho bigabanya umusaruro w'imfashanyigisho. Buri tsinda rigomba kugena umuvuduko rigendereraho, abagize uruziga bagomba gukomeza kwiga ariko bagendera kumuvuduko bumva ubanogeye. Umutiteri agomba kuguma ari maso kugirango hatagira bimwe mu bice bigize igitabo byigwa mu buryo buvunaguye cyangwa bakabinyura hejuru nta myitozo ihagije bakoze. Amatsinda yize muri ubu buryo, bandika ibisubizo gusa, ntiyigeze agera kumusaruro urambye.

Ikindi kintu cya nyuma cyavugwaho: ni inshingano y'umutiteri guharanira ko buri muntu mu bagize itsinda akomeza kugumana ubushake mu masomo atangwa n'imfashanyigisho. Gutuma buri muntu mu bagize itsinda agira uruhare mu kiganiro

utamushyizeho igitutu ngo atange igitekerezo kenshi biba ihurizo rikomeye. Ikintu kigomba kwitabwaho uhereye na mbere, nuko umutiteri adashobora kurenga iyi mbogamizi abaza ikibazo nka “Ibi ubyumva ute wowe?” Ibibazo nk’ibi bishyira ubumenyi n’ukuri ku rwego gusa rw’ibitekerezo. Noneho bikagorana kurema umwuka aho ikiganiro hagati y’abagize uruziga kiganisha kukwongera ubumenyi

Igice cya kabiri cy’iki gitabo gisa n’icyambere, ku muco w’ibanze ku buzima bw’ubutungane: gusenga buri igihe. Iki gice kibisobanura gihereye ku cyiriro cya mbere ku ngingo y’ “inzira y’ubwitange” havuga ko kugendera muri iyi nzira tugomba kuba dufite intego ebyiri z’impanga. Abagize uruziga basuzuma uruhurirane rw’imirongo igaragaza ishusho y’izo ntego, insanganyamatsiko izigwaho mu masomo akurikira.

Mu murongo w’iyi nsanganyamatsiko, igice gifata umwanya wo gusesengura igisobanuro cy’isengesho, gikoresheje uburyo busa nk’ubwasobanuwe mu bika bya mbere. Ibibazo n’imyitozo byateguwe mu buryo bifasha gusobanukirwa kurushaho igisobanuro cy’amagambo yo mu Nyandiko yizweho. Uko abagize uruziga bakomeza kwiga icyo gice, umutiteri ashobora gukuraho urujijo basuzuma ibitekerezo n’imyumvire yashinze imizi kuva kera. Mu mico imwe n’imwe hari imihango yagiye gahoro gahoro ipfukirana kamere muntu, noneho benshi bakibagirwa akamaro k’isengesho, kuri roho y’umuntu rifite agaciro nk’akibiryo bitunga umubiri.

Hejuru ya byose, icyo igice kizamura mu bagize uruziga ubushake bwo “kuganira n’Imana” no kuyegera. Muri bimwe mu bitekerezo byatanzwe hari ikivuga kumwuka w’isengesho, uko umutima n’ibitekerezo byacu bigomba kuba bimeze mu gihe dusenga, n’uburyo aho dusengera hagomba kuba hatunganyijwe, twaba turi twenyine cyangwa turi kumwe n’abandi. Mu byukuri nyuma yo gutekereza ku mbaraga umuntu avana mu gusingiza Imana hamwe n’abandi, abagize uruziga bahamagarirwa gutangiza inama z’amasengesho.

Amasomo y’igice cya gatatu cy’igitabo “Ubuzima n’Urupfu”, turizera ko azongera ubushake bwo kunyura mu nzira y’ubwitange ndetse no kuyibonamo igisobanuro gifite ireme. Ibikorwa by’ubwitange muri iyi si bigira igisobanuro gikomeye ku buzima muri rusange, ndetse ingaruka zabyo zikarenga ubuzima bwo ku isi gusa, zigakurikirana ubuziraherezo roho mu iterambere ryayo mu zindi si z’Imana. Mu buryo bw’inyigisho, bitandukanye n’amasomo y’ubukorikori, abagize itsinda bagomba kumenya byimbitse igisobanuro n’akamaro k’ibyo bakora. Ni mugihe gusa ubwo bumenyi bukura, bazabasha kugera aho bibona bo ubwabo nka “ba nyirubwite” barebwa n’inshingano yo kwongera ubumenyi bwabo.

Buri cyiciro cya buri gice gitangirana n’ibango rimwe kugera kuri atatu yo munyandiko za kibahá’í, bikurikiwe n’imyitozo micye. Imvugo y’amabango yo muri iki gice irasobetse ugereranyije n’ibice bibiri bibanza. Ntabwo ari ngombwa nkuko byumvikana ko itsinda rimara umwanya munini ku magambo akomeye, umutiteri agomba

gushaka uburyo buri wese yumva igisobanuro nyamukuru cya buri cyiciro, kuko aricyo imyitozo iba igamije kugeraho.

Bitewe n'imiterere y'ingingo, imyitozo ifite ingero zifatika ni mike kandi igiye iri ahantu hatandukanye. Imyinshi ahubwo iba isaba gutekereza cyane gusa. Ikintu twavuga rero nuko ibibazo bimwe na bimwe byabajijwe mu myitozo bidashobora kubonerwa ibisubizo byihuse cyangwa bya burundu. Bigamije gushyira ahagaragara ukuri kuri iyo ngingo; niba abagize itsinda babasha gusobanukirwa ibyo bibazo rero, ntakabuza intego y'isomo iba yagezweho.

Ibyiciro bya mbere by'igitabo byibanda ku isano riri hagati ya roho n'umubiri, byose hamwe bigize umuntu mu kubaho kwe. Igitekerezo nyamukuru kigaragazwa muri iki cyiciro ni uko roho atari ikintu gishobora gufatika; ahubwo ukwihuza kwayo n'umubiri twabifata nk'urumuri rugaragara mu ndorerwamo. Yaba umukungugu ushobora gutwikira ubuso bwayo cyangwa ugusaduka kwayo ntibishobora kugira ingaruka ku rumuri ubwarwo. Urupfu ni ihinduka ry'imiterere gusa, iyo ukwihuza kwa roho n'umubiri birangiye, nyuma yaho roho isanga Umuremyi wayo igakomeza gutera imbere ubuziraherezo.

Iki gice kigaruka ku kibazo gikurikira, kivuga ku mpamvu yo kubaho kwacu – kumenya Imana no kuyisanga. Ibiganiro hano byibanda ku nsanganyamatsiko ebyiri. Iyambere ni impamvu yo kubaho kwacu muri ino si, iya kabiri ni urugendo rwa roho yacu nyuma y'urupfu. Roho ni ikimenyetso cy'Imana, ishobora kugaragaza amazina yayo yose n'imigenzo yayo yose. Nyamara ubushobozi bw'ikiremwa muntu buracyahishe muri cyo, ariko bushobora gutezwa imbere binyuze mu Bahanuzi b'Imana, ibyo biremwa bitunganye, biza uko ibihe bigenda bisimburana, ngo biyobore ikiremwa muntu. Kubera uburezi butagatifu batanga, ubutunzi bwihishe muri twe bushobora kwigaragaza.

Ibirebana n'urugendo rwa roho nyuma y'urupfu, uruhererekane rw'ibitekerezo bihabwa abagize itsinda ngo babyibazeho: ko indacyemwa z'Imana zizagera ku byishimo nyakuri, kandi ko ntanumwe muri twe uzi iherezo rye bwite, niyo mpamvu rero tugomba kubabarirana hagati yacu, kandi ntitwumve ko hari uwo turuta, kandi ko mu buzima buzaza, cyo kimwe n'ubu turimo, roho izakomeza gutera imbere kandi ko ubushobozi bw'ubutungane tuzaba twararonkeye muri ino si buzakomeza kudufasha mu buzima bukurikira; ko tuzamenya abantu bacu b'ingenzi mu zindi si, ko tuzibuka ubuzima twanyuzemo muri ino si, kandi ko tuzishimira kubana n'izindi roho zatagatifujwe.

Iki gice kirangirana n'umurongo wo mu Nyandiko za Bahá'u'lláh aho utwizeza ko hari ibyiza tuzabonera mu isi izaza, kandi akanadushishikariza kutababazwa n'impinduka n'amahirwe bigaragarira muri iyi si. Abagize uruziga bahamagarirwa rero gutekereza kungaruka y'ibyo bize kubuzima bwabo bwite.



# Imyumvire y’ibyo dusoma mu Nyandiko za kibahá’í

Ikigamijwe

Guteza imbere umuco wo gusoma amagambo akubiye
mu nyandiko ntagatifu za kibahá’i buri munsi
no kuzirikana igisobanuro cyayo.

## ICYICIRO CYA 1

Akamaro k'iki gice ni ukubafasha guteza imbere no gukomeza umuco wo gusoma inyandiko ntagatifu buri munsi no kuzirikana igisobanuro cyazo. Igice gitangirana n'umwitozo woroheje wo gusoma ibango ryo munyandiko rigizwe n'interuro imwe gusa ari nako musubiza ikibazo, aho igisubizo cyacyo ari ibango ubwaryo. N'ubwo uwo mwitozo woroshye, uzabafasha kuzirikana kugisobanuro cy'ayo mabango no kuyafata mu mutwe.

**"Imitunganyirize y'isi ishobora kugerwaho biturutse ku bikorwa byiza bizira inenge no ku myifatire itunganye kandi igororotse".**[1]

1. Imitunganyirize y'isi ishobora kugerwaho gute? ______________________________

______________________________________________________________________

**"Mwirinde, bantu ba Bahá, kugendera mu mayira y'abafite amagambo adahuje n'ibikorwa byabo".**[2]

2. Amayira tutagomba kugenderamo ni ayabande? ______________________________

______________________________________________________________________

**"Yewe muhungu wo kubaho! Isuzume buri munsi mbere y'uko uhamagarwa"**[3]

3. Tugomba gukora iki mbere yo guhamagarirwa gusobanura ibikorwa byacu?

______________________________________________________________________

______________________________________________________________________

**"Vuga uti: bavandimwe, umutako wanyu nube ibikorwa aho kuba amagambo".**[4]

4. Umutako wacu nyakuri ugomba kuba uwuhe? ______________________________

______________________________________________________________________

**"Amagambo matagatifu, ibikorwa byiza bizira inenge, bizamukira mu kirere cy'ikuzo ryo mu ijuru"**[5]

5. Amagambo matagatifu n'ibikorwa byiza kandi bizira inenge bikora iki?

______________________________________________________________________

______________________________________________________________________

## ICYICIRO CYA 2

Hasi aha hari imwe mu myitozo ijyanye n'amabango mumaze gusoma. Igamije kubafasha kuzirikana birushijeho kugisobanuro cy'amabango mu itsinda ryanyu kandi ntibigomba gukorwa nk'umuhango gusa. Ibi ntibisobanuye ko buri mwitozo ugomba kuganirwaho igihe kirekire. Ariko mu gihe umwitozo ugoye, umutiteri w'itsinda ryanyu azabafasha kuwigaho binononsoye.

1. Ikintu "gishimwa" ni igikwiye ishimwe. Muri ibi bikurikira ibishimwa muri byo ni ibihe?

   ______ Kuba umukozi mwiza.

   ______ Kubaha abandi.

   ______ Gushishikarira kwiga.

   ______ Kuba umubeshyi.

   ______ Kuba umunebwe.

   ______ Gufasha abandi kwiteza imbere.

2. Iyi nteruro isobanura iki "mbere yo guhamagarwa imbere y'ubucamanza?"

   ________________________________________________________________

   ________________________________________________________________

3. Muri izi mvugo zikurikira izukuri ni izihe?

   ______ Hariho abantu beza bake cyane mu isi ku buryo ibikorwa byabo nta kamaro byagira.

   ______ Ikintu kiba ari ukuri iyo gihuje n'ibitekerezo by'abandi.

   ______ Ikintu kiba ari ukuri iyo gihuje n'inyigisho z'Imana.

4. Mu bikorwa bikurikira ibyiza kandi bizira inenge ni ibihe?

   ______ Kwita ku bana no kubigisha.

   ______ Kwiba.

   ______ Gusengera iterambere ry'abandi.

______ Kubeshya gake kugira ngo twirwaneho.

______ Gufasha abantu ukabategerezaho igihembo.

5. Mu bikorwa bikurikira ni ibihe amagambo y'umuntu aba atandukanye n'ibikorwa bye?

______ Umuntu ukomeza kuvuga ko abantu bagomba kugira ubumwe ariko we akitwara mu buryo ibikorwa bye bibiba umwiryane.

______ Umuntu ushimagiza ukubaho mu budahemuka ariko agaca inyuma uwo bashakanye.

______ Umuntu unywa inzoga rimwe na rimwe, ariko akavuga ko ari umuyobokew'idini ribuza kunywa inzoga.

______ Umuntu wigisha uburinganire hagati y'umugabo n'umugore kandi we nk'umukoresha agahemba amafaranga menshi abagabo kurusha abagore kandi bakora akazi kamwe.

6. Biremewe ko umubahá'í yakwicuza icyaha cye ku wundi muntu? ____________

______________________________________________________________________

7. Ni iki tugomba gukora mu kigwi cyo kwicuza ibyaha ku bandi? _____________

______________________________________________________________________

8. Bisobanuye iki: "ikirere cyikuzo ryo mu ijuru"? __________________________

______________________________________________________________________

9. Ibikorwa bibi bigira iyihe ngaruka ku isi ? ________________________________

______________________________________________________________________

10. Ibikorwa bibi bigira ingaruka ki ku muntu wabikoze? ______________________

______________________________________________________________________

## ICYICIRO CYA 3

Nimusome kandi mutekereze ku magango akurikira yakuwe mu Nyandiko. Noneho mugerageze no kuyafata mu mutwe.

**“Ukuri ni ishingiro ry’imigenzo myiza yose y’abantu”**[6]

1. Ni irihe shingiro ry’imigenzo myiza yose y’abantu? ________________________

________________________________________________________________________

**“Iyo nta kuri guhari, amajyambere n’intsinzi ntibishoboka kuba kuri roho yose, mu isi zose z’Imana”**[7]

2. Ni ikihe kintu kidashoboka iyo nta kuri guhari? ____________________________

________________________________________________________________________

**“Murimbishe indimi zanyu ukuri, yemwe bantu, kandi mutakishe roho zanyu umwambaro w’ubudakemwa.”** [8]

3. Indimi zacu tugomba kuzirimbisha iki? ___________________________________

________________________________________________________________________

4. Roho zacu tugomba kuzitakisha iki? _____________________________________

________________________________________________________________________

**“Amaso yanyu muyarinde ibishuko, ikiganza cyanyu cye guhemuka, ururimi rwanyu ruvuge ukuri gusa kandi umutima wanyu umurikirwe”** [9]

5. Amaso yacu agomba kuba gute ? ________________________ Ikiganza cyacu? ____________________Ururimi rwacu? ____________________ Umutima wacu? ____________________

**“Abatuye mu ruhimbi rw’Imana, bicaye ku ntebe z’ikuzo ridashira, kabone n’aho bakwicwa n’inzara, bazirinda kurambura ikiganza ngo bigarurire ku buryo bugayitse, umutungo w’umuturanyi wabo, nubwo yaba asuzuguritse cyangwa se atawukwiriye”** [10]

6. Ni iki tugomba kwirinda gukora nubwo inzara yaba igiye kutwica? ___________

________________________________________________________________________

________________________________________________________________________

________________________________________________________________________

## ICYICIRO CYA 4

Nk'uko mwabibonye mu cyiciro cya 2, imwe mu myitozo isaba ibisubizo ntakuka. Kuri aho, Niba hari ugushidikanya ku gisubizo umutiteri w'itsinda ryanyu azababafasha kugera kumyumvire imwe. Ku yindi myitozo, ikiganiro mugirana nicyo cy'ingenzi, igisubizo ubwacyo gishobora guhinduka. Muri ibi bikurikira, umwitozo wa 3 uri mu cyiciro cya mbere naho umwitozo wa 6 uri mu cyiciro cya kabiri.

1. Ukuri ni ishingiro ry'imigenzo myiza yose y'abantu. Vuga imigenzo myiza itanu.

   ______________________________________________________________________

   ______________________________________________________________________

2. Mbese dushobora kugira iyo migenzo nta kuri tugira ? ______________________

3. Mu mvugo zikurikira izukuri ni izihe?

   ______ Umuntu ashobora kuba ari mukuri nubwo yaba abeshya.

   ______ Umuntu wiba afite ikiganza kidahemuka.

   ______ Ikiganza kidahemuka ntigikora na rimwe kukintu kitari icyacyo.

   ______ Kureba amashusho y'urukozasoni (porno) binyuranye n'inama ya Bahá'u'lláh yo kurinda amaso yacu ibishuko.

   ______ Ukuri bisobanuye kutabeshya.

   ______ Ubudakemwa ni umutako wa roho.

   ______ Umuntu utari umunyakuri ashobora gutera imbere mu butungane.

   ______ Ntacyo bitwaye kubeshya rimwe na rimwe.

   ______ Kwiba biremewe mu maso y'Imana, iyo dushonje.

   ______ Gufata ikintu nta ruhushya rwa nyiracyo, uzirikana kuzakigarura si ukwiba.

   ______ Iyo turi indahemuka, dushyira mu gaciro kandi tugira ukuri, umutima wacu uba umurikiwe.

   ______ Ubucuruzi ntibushobora gutera imbere umuntu atibyeho.

4. Ese birashoboka kwibwira ikinyoma? ____________________________________

5. Duhomba iki igihe tuvuga ibinyoma? ____________________________________

6. Isi yamera ite twese turamutse tubaye abanyakuri n'indahemuka? ____________

______________________________________________________________________

______________________________________________________________________

______________________________________________________________________

## ICYICIRO CYA 5

Mwige amagambo akurikira nyuma mugerageze kuyafata mu mutwe. Gufata mumutwe amagambo yo mu Nyandiko ni byiza cyane, kandi mugomba gukora iyo bwabaga kugirango mubishobore. Birumvikana ko atari buri wese byorohera gufata mumutwe. Ariko kugerageza bifasha gusigarana ibitekerezo mumutwe no mumutima yacu, no kubisobanura mumagambo asa nk'ayo munyandiko.

**"Imvugo nziza ni rukuruzi ikurura imitima y'abantu. Ni ifunguro rya roho, yambika amagambo igisobanuro, ni isoko y'umucyo w'ubwenge n'ubushishozi."** [11]

1. Imvugo nziza imeze nk'iki? ____________________________________________

______________________________________________________________________

______________________________________________________________________

______________________________________________________________________

2. Imvugo nziza ikora iki ku magambo? ____________________________________

______________________________________________________________________

**"Yemwe abakunzwe na Nyagasani! Muri ubu Bugabe bw'ubutagatifu, amacakubiri n'amakimbirane birabujijwe rwose. Umushotoranyi wese yivutsa ubuntu bw'Imana"** [12]

3. Dukurikije iyo nteruro yo hejuru, ni iki kibujijwe muri ubu Bugabe? __________

______________________________________________________________________

4. Umushotoranyi akora iki kuri we bwite? _________________________________

______________________________________________________________________

**"Kuri uyu munsi, nta kintu gishobora guhemukira uku Kwemera kurusha amacakubiri, intonganya, impaka, inzangano n'ukwitandukanya hagati y' intore z'Imana."** [13]

5. Ni ibiki bihemukira ukwemera kw'Imana? ________________________________

________________________________________________________________________

________________________________________________________________________

**"Ntimugashimishwe no kugaragaza ubucuti bwanyu mu magambo gusa, ahubwo umutima wanyu ugurumanemo urukundo ku bantu bose muhurira mu mayira mucamo."** [14]

6. Ni ubuhe bwoko bw'ubucuti tutagomba gushimishwa nabwo? ________________

________________________________________________________________________

7. Ni iki kigomba kugurumana cyane mu mutima wacu? ______________________

________________________________________________________________________

**"Igitekerezo cy'intambara kiramutse cyivutse, mugitsindishe igitekerezo cy'amahoro kikirusha imbaraga. Igitekerezo cy'urwango kigomba kuburizwamo n'igitekerezo cy'urukundo kikirusha ubukana."** [15]

8. Ni iki tugomba guhagarikisha igitekerezo cy'intambara? ____________________

________________________________________________________________________

9. Ni iki kigomba kuburizamo igitekerezo cy'urwango? ________________________

________________________________________________________________________

## ICYICIRO CYA 6

Mugendeye ku nteruro zo hejuru, nimukore imyitozo ikurikira:

1. Ni mu buhe buryo imvugo nziza ishobora kumera nka rukuruzi? ______________

________________________________________________________________________

2. Mu mvugo zikurikira izigaragaza imvugo nziza ni izihe?

______ "Ndeka, mpa amahoro !"

______ "Kuki udasobanukirwa ?"

______ "Mushobora kunyihanganira akanya gato?"

______ "Mbega abana bateye ubwoba!"

______ "Murakoze cyane, mugira umutima mwiza!"

______ "Nta mwanya ngufitiye, ndahuze."

3. Mu bitekerezo bikurikira ibirimo impaka n'amakimbirane ni ibihe?

______ Abantu babiri bagaragaza ibitekerezo bitandukanye mu nama.

______ Abantu babiri barakaye maze bagatonganira mu nama.

______ Abantu babiri bahagarika gukomeza kwitabira inama z'amasengesho za buri cyumweru kuberako batumvikana.

______ Abagize itsinda bafitanye umushinga runaka, bagakomeza gusigana, buri wese avuga ko mugenzi we amuvunisha.

4. Mu bitekerezo bikurikira ibigaragaza ukwitandukanya n'abandi ni ibihe?

______ Inshuti ebyiri zinyuranaho mu muhanda zikirengagizanya

______ Umuntu umwe ugera ahabera inama, buri wese akamwakira yishimye.

______ Nubwo buri umwe yubaha mugenzi we, abantu babiri bagize itsinda ntibashaka gufatanya mumushinga.

5. Nimwemeze niba izi mvugo zikurikira ari ukuri:

______ Tugomba kuvugisha ukuri ku cyo dutekereza ku bandi, nubwo byababikomeretsa imitima yabo.

______ Ntacyo bitwaye kubeshya kugira ngo hagati yacu hatavuka amakimbirane.

______ Amakimbirane ashobora guhoshwa n'urukundo n'ubugiraneza.

______ Amagambo arushaho kuba ingirakamaro iyo avuganywe urukundo.

______ Kurwana n'umuntu igihe ariwe nyirabayazana nta kibazo.

______ Umuntu afite uburenganzira bwo kuvuga nabi igihe arwaye cyangwa ababaye.

______ Ntabwo ari byiza guseka abandi mu gihe bakoze amakosa.

______ Mu gihe hari inzika hagati y'inshuti ebyiri, buri wese agomba kugira umuhate wihariye wo kwiyunga na mugenzi we.

______ Mu gihe hari inzika hagati y'inshuti babiri, buri wese agomba gutegereza ko mugenzi we agerageza gushyaka kwiyunga.

## ICYICIRO CYA 7

Mwige amagambo yanditse munsi aha kandi muyafate mu mutwe.

**". . . gusebanya bizimya urumuri rw'umutima kandi bigapfukirana ubuzima bwa roho".** [16]

**"Wishinja ibyaha abandi mu gihe nawe uri umunyabyaha"** [17]

**"Wivuga nabi abandi kugira ngo nawe batazakuvuga, kandi wiremereza amakosa y'abandi kugirango ayawe atagaragara kurushaho…"**[18]

**"Yewe muhungu w'ukubaho! Washobora ute kwibagirwa amakosa yawe bwite maze ukamenya aya mugenzi wawe?".** [19]

1. Gusebanya bigira ingaruka ki kuri nyirabyo? ______________________________

______________________________________________________________________

2. Tugomba kwibaza iki mbere yo gutekereza ibyaha by'abandi? _______________

______________________________________________________________________

3. Iyo turemereza amakosa y'abandi bitugendekera bite? ______________________

______________________________________________________________________

4. Tugomba kwiyibutsa iki igihe dutekereza ku makosa y'abandi? ______________

______________________________________________________________________

## ICYICIRO CYA 8

Muzirikane imirongo yanditse haruguru maze mukore imyitozo ikurikira:

1. Roho y'umuntu wibanda ku makosa y'abandi ihura n'ingaruka ki kw'iterambere ryayo? ______________________________________________________________

2. Gusebanya bigira iyihe ngaruka kumuryango? ______________________________

______________________________________________________________________

3. Ukora iki mu gihe umwe mu nshuti zawe atangiye kuvuga kumakosa y'undi muntu?_ ______________________________________________________________

______________________________________________________________________

4. Nimugaragaze niba imvugo zikurikira ari zo:

______ Mu gihe tuvuga amakosa nyakuri y'umuntu, ntabwo tuba dusebanya.

______ Iyo tuvuga imigenzo myiza y'umuntu runaka, muri uwo mwanya tukanavuga amakosa ye, ntabwo ari ugusebanya.

______ Gusebanya byahindutse umuco rusange mu bantu b'iki gihe kandi dukwiye guteza imbere uburere bwo kubyirinda.

______ Iyo ubwirwa arahiye ko atazazimura ibyo abwiwe byerekeye undi muntu, icyo gihe urubwa ntirushobora kugira ingaruka ku bandi.

______ Gusebanya ni umwe mu banzi bakomeye cyane b'ubumwe.

______ Niduteza imbere umuco wo kuganira kubandi kenshi, icyo gihe dushobora kugwa mu mutego wo gusebanya.

______ Igihe ubushobozi butandukanye bw'abantu bwigiwe mu nama y'Inteko y'ubutungane y'umurenge kugirango bashingwe imirimo imwe n'imwe biba ari ugusebanya.

______ Mu gihe dushaka gusebanya, twari dukwiye kuzirikana amakosa yacu bwite.

______ Iyo tuzi umuntu ukora ibyononera Ukwemera, tugomba kumuganiraho hamwe n'abandi.

______ Iyo tuzi umuntu ukora ibyononera Ukwemera, tugomba kubimenyesha Inteko y'ubutungane y'umurenge.

______ Umugabo n'umugore we bashobora kuganira amakosa y'abandi bantu kuko ntacyo bagomba guhishanya.

## ICYICIRO CYA 9

Intego y'iki gice nk'uko byavuzwe mu ntangiriro ni ugufasha abiga kurushaho gushyira imbaraga mu muco wo gusoma inyandiko ntagatifu buri munsi no kuzirikana kugisobanura cyazo. Gusoma imirongo y'Imana buri igitondo na buri nimugoroba ni inyigisho ya Bahá'u'lláh idushishikariza guteza imbere ubuzima bw'ubutungane. Umurongo ukurikira utwibutsa ibyiza tubona iyo twuzuza iyi nshingano, kandi dushishikarijwe kuwufata mu mutwe.

> "**Nimwibire mu nyanja y'amagambo yanjye, kugirango mubashe gusesengura amabanga yayo, no kuvumbura amasaro y'ubushishozi ahishemo."** [20]

Nyuma yo kurangiza iki gice, mushobora gusaba gutunga igitabo cy'inyigisho za Bahá'u'lláh kugirango mubashe kugisoma muri munsi. Amagambo Ahishwe yaba intangiriro nziza.

## REFERENCES


1. Bahá’u’lláh, cited by Shoghi Effendi, *The Advent of Divine Justice* (Wilmette: Bahá’í Publishing Trust, 2006, 2018 printing), par. 39, pp. 36–37.

2. *Gleanings from the Writings of Bahá’u’lláh* (Wilmette: Bahá’í Publishing Trust, 1983, 2017 printing), CXXXIX, par. 8, p. 345.

3. Bahá’u’lláh, *The Hidden Words* (Wilmette: Bahá’í Publishing Trust, 2003, 2012 printing), Arabic no. 31, p. 11.

4. Ibid., Persian no. 5, p. 24.

5. Ibid., Persian no. 69, p. 46.

6. ‘Abdu’l-Bahá, cited by Shoghi Effendi, *The Advent of Divine Justice*, par. 40, p. 39.

7. Ibid.

8. *Gleanings from the Writings of Bahá’u’lláh*, CXXXVI, par. 6, p. 336.

9. *Tablets of Bahá’u’lláh Revealed after the Kitáb-i-Aqdas* (Wilmette: Bahá’í Publishing Trust, 1988, 2005 printing), no. 9.5, p. 138.

10. *Gleanings from the Writings of Bahá’u’lláh*, CXXXVII, par. 3, p. 338.

11. Ibid., CXXXII, par. 5, p. 327.

12. *Will and Testament of ‘Abdu’l-Bahá* (Wilmette: Bahá’í Publishing Trust, 1944, 2013 printing), p. 26.

13. *Gleanings from the Writings of Bahá’u’lláh*, V, par. 5, p. 8.

14. From a talk given on 16 and 17 October 1911, published in *Paris Talks: Addresses Given by ‘Abdu’l-Bahá in 1911* (Wilmette: Bahá’í Publishing, 2006, 2016 printing), no. 1.7, p. 6.

15. From a talk given by ‘Abdu’l-Bahá on 21 October 1911, ibid., no. 6.7, p. 22.

16. *Gleanings from the Writings of Bahá’u’lláh*, CXXV, par. 3, p. 300.

17. *The Hidden Words*, Arabic no. 27, p. 10.

18. Ibid., Persian no. 44, p. 37.

19. Ibid., Arabic no. 26, p. 10.

20. *Gleanings from the Writings of Bahá’u’lláh*, LXX, par. 2, p. 154.



# Isengesho

## Ikigamijwe

Kuzirikana kukamaro k'isengesho no guteza imbere umuco wo gusenga buri munsi

## ICYICIRO CYA 1

Amasomo y'ikigo Ruhi aba agambiriye gufasha abiga kunyura mu nzira y'ubwitange. Tunyura muri iyi nzira igizwe n'intego ebyiri: iterambere ry'ubutungane niry'ubumenyi, no kugira uruhare muguhindura umuryango tubamo. Izi mpamvu ebyiri rero ntizishobora gutandukana. Bahá'u'lláh adusaba avuga ati :

**"Mureke kwita gusa ku bibareba, ibitekerezo byanyu nibyibande mu kubaka ejo heza h'ikiremwamuntu kandi mutagatifuze imitima na roho z'abantu".** [1]

Kuwundi murongo, arasobanura ati:

**". . . impamvu nyamukuru umuntu yinjiye mu isi y'ukubaho ni ukugirango akorere guhindura isi kuba nziza, kandi abane na mugenzi we mu bumwe n'ubusabane "** [2]

Kubyerekeye n'imitere y'umutima wacu, aravuga ati:

**"Umutima usukuye ni nk'indorerwamo, yihanagure ukoresheje urukundo no kwitandukanya n'ikintu cyose kitari Imana, kugirango urumuri rw'izuba nyakuri ruyirasiramo urumuri ruhoraho rwo mumuseke".** [3]

'Abdu'l Bahá nawe aratubwira ati:

**"Imitima yanyu igomba guhora ikeye n'ibyifuzo byanyu bizira amakemwa kugirango muzabone ku byiza by'ubwami bw'ijuru."** [4]

1. Ibitekerezo byacu n'ibiduhangayikisha bigomba kwibanda kuki? ______________

_______________________________________________________________________

_______________________________________________________________________

2. Ni iyihe mpamvu twinjiye mu buzima? ____________________________________

_______________________________________________________________________

_______________________________________________________________________

_______________________________________________________________________

3. Ni iki tugomba guhanaguza indorerwamo y'umutima wacu? __________________

_______________________________________________________________________

4. Ni iyihe myitwarire izadufasha kubona ibyiza by'ubwami bw'ijuru? __________

_______________________________________________________________________

5. Hari imvugo y'ukuri iri muri izi zikurikira?

___ Mbere na mbere ugomba kwiyitaho ubwawe mbere yo kwita ku bandi.

___ Niba buri gihe wibanda mu gufasha abandi, bizakubuza kugera ku ntego zawe z'ubuzima.

___ Ni wowe nshuti ya mbere, yawe ubwawe.

___ Ikintu cy'ingenzi ni ukumenya ikintu kigushimisha.

___ Kurikira inzozi zawe zizakugeza ku byishimo.

___ Icyo ukora icyaricyo cyose ntacyo gitwaye mu igihe nta muntu ubangamiye.

___ Ntacyo bitwaye kugira ibitekerezo byo kwikunda, mu gihe hari ibyiza ukora.

## ICYICIRO CYA 2

Imyemerere y'umutima ishingiye ku mpamvu ebyiri zo kubaho kwacu ni uko twese twaremwe nk'imfura. Bahá u'lláh aravuga ati :

> **"Yewe muhungu w'umwuka ! Nakuremye ukize, kuki ukomeza kwikenesha? Ko nakugize imfura, kuki wisuzuguza? Kuri kamere y'ubumenyi, naguhaye ubuzima, kuki ushakira ukuri ahandi hatari kuri jye? Nakubumbye mu ibumba ry'urukundo, kuki wita ku wundi utari jye? Hindukira wirebe uzambona muri wowe, nkomeye, ndi umunyembaraga kandi nshikamye."** [5]

Kuzuza iyi mirongo ikurikira birabafasha kurushaho kuzirikana aya magambo.

"Yewe muhungu w' umwuka ! nakuremye ____________________________, kuki u __________________ kwikenesha ? ko __________________ kuki wisuzuguza ? kuri ___________________ y'______________________ naguhaye ubuzima, kuki ______________________ ahandi____________________ ? __________________ mu ibumba ry'____________________ kuki wita __________________. Hindukira __________________ muri wowe, __________________ , ___________________ , __________________."

Kugirango tube indahemuka kubukire bwa roho zacu, tugomba guhindukirira isoko yo kubaho kwacu noneho akaba ari We utumurikira. Imwe mu nzira ikomeye idushoboza kubigeraho ni isengesho. Shoghi Effendi, Umurinzi w'Ukwemera, atubwira ko intego yako nyamukuru ari "Uguterimbere k'umuntu ku giti cye n'umuryango muri rusange, binyuze mu kwakira imigenzo n'ubushobozi by'ubutungane. Ni roho y'umuntu mbere na mbere iba igomba kugaburirwa kandi isengesho niryo soko ya mbere y'ifunguro ry'ubutungane."

## ICYICIRO CYA 3

Imana imenya byose, ifite ubushishozi butagira urugero. Yaraturemye kandi izi ikiri mu mitima yacu kandi izi n'ikidukwiriye. Ntikeneye amasengesho yacu, none se kuki dusenga?

'Abdu'l-Baha aravuga ati:

**"Mu isengesho rihebuje abantu basenga gusa kubera urukundo bafitiye Imana, ntibasenga kubera ko bayitinya cyangwa bahunga umuriro utazima, cyangwa bizeye imigisha cyangwa ijuru... Iyo umuntu akunze undi, ntakimubuza guhora arata izina ry'umukunzi we. Biraruhije cyane kutongera kuvuga izina ry'Imana iyo watangiye kuyikunda… Umuntu utunganye abona umunezero gusa mu guhimbaza Imana"** [6]

Aranasobanura ati:

**"Mbese umuntu ukunda inshuti ye, si ibisanzwe ko abivuga? Kandi n'ubwo azi ko inshuti ye izi ubucuti bwe, ntiyifuza se kubishimangira?... Imana izi ibiri mu mitima yacu, ariko umutima wo gusenga urasanzwe, uturuka ku rukundo umuntu akunda Imana"** [7]

1. Nimwuzuze interuro zikurikira:

   a. Mu isengesho ____________________ abantu ___________________ gusa kubera __________________________ Imana, ntibasenga kubera ko bayitinya cyangwa bahunga __________________________, cyangwa bizeye ___________________ cyangwa ijuru.

   b. Iyo umuntu ________________ __________________ arata __________________ Biraruhije cyane ____________________ izina ry'_____________________ iyo Watangiye ___________________

   c. Umuntu utunganye nta handi abona _______________ hatari Mu _____________ Imana.

2. Kubera iki dusenga? ______________________________________________

______________________________________________________________________

3. Imvugo ivuga ngo "guhimbaza Imana" ishatse kuvuga iki? ___________________

______________________________________________________________________

4. Ni ikihe kintu gihebuje umuntu ukunda undi yifuza. ________________________

______________________________________________________________________

5. Umutima wo gusenga uturuka he? ______________________________________

______________________________________________________________________

## ICYICIRO CYA 4

Mu isengesho ryahishuwe na Bahá'u'lláh dusoma ibi bikurikira:

**"Ndagusabye ngo . . .uhindure isengesho ryanjye umuriro ushobora gutwika inkingirizi zimbuza kubona ubwiza bwawe n'urumuri runyobora ku nyanja y'ukubaho kwawe".**[8]

Muri iri sengesho kandi dusaba Imana tugira duti:

**"Yewe Nyagasani, isengesho ryanjye rihindure iriba ry'amazi y'ubuzima azatuma mbaho igihe cyose ubutware bwawe buzamara, kandi nzakwamamaze muri buri imwe mu masi yawe."**[9]

1. Ni mubuhe buryo isengesho rishobora kumera nk'umuriro? Ritwika iki? _______

______________________________________________________________________

2. Nimuvuge zimwe mu nkingirizi ziduhisha Imana: ___________________________

______________________________________________________________________

______________________________________________________________________

3. Ese isengesho rishobora kuba nk'urumuri? Ese rituganisha he? _______________

______________________________________________________________________

______________________________________________________________________

4. Ese isengesho rishobora kuba nk'iriba ry'amazi y'ubuzima? Ni iki rivumera roho zacu? ______________________________

______________________________

______________________________

______________________________

## ICYICIRO CYA 5

Nimwige kandi mutekereze ku magambo akurikira ya 'Abdu'l-Bahá:

**"Nta kintu na kimwe muri iyi si dutuyeho, kirusha isengesho uburyohe. Umuntu agomba kubaho mu mwuka w'isengesho. Imibereho irusha iyindi yose umugisha ni iy'isengesho, n'iyo kwinginga. Isengesho ni ikiganiro hamwe n'Imana. Nta bigwi bindi cyangwa se amahirwe y'ikirenga yandi umuntu ashobora kugeraho atari ukuganiriza Imana. Isengesho rituzanira ubutungane, rigakangura umutimanama, rikadutoza iby'ijuru ; rikaduteramo umutima mushya w'ubwami, rikongera kandi rikadushoboza kwakira ubwenge bw'ikirenga". [10]**

1. Ni ubuhe buryohe burusha ubundi muri ino si dutuyemo? ______________________________

______________________________

______________________________

2. Iyi nteruro ivuga ngo"umwuka w'isengesho" isobanuye iki? ______________________________

______________________________

______________________________

3. Nimuvuge imigenzo imwe nimwe ituruka ku isengesho : ______________________________

______________________________

______________________________

4. Nimusubire mu mabango mwize mu byiciro biherutse maze mwandike interuro eshanu zivuga ku miterere y'isengesho.

— Isengesho ni ______________________________

— Isengesho ni ______________________________

— Isengesho ni ______________________________________________

— Isengesho ni ______________________________________________

— Isengesho ni ______________________________________________

## ICYICIRO CYA 6

Nimusome kandi mutekereze ku magambo akurikira ya Bahá'u'lláh :

**"ewe mugaragu wanjye ; rangurura amagambo Imana ikoherereje nk'uko abo yahamagaye ngo bayisange babigenza, kandi injyana yawe ikangure ubugingo bwawe, igere no mu mitima ya bose. Abamalayika ntumwa b'Isumba byose bazakwirakwiza imibavu y'amagambo aturuka mu kanwa k'uvuga yiherereye, amagambo yahishuwe n'Imana kandi azakora ku mutima w'umuntu wese ukiranuka. Ineza n'impuhwe yahawe bizahindura ubugingo bwe vuba cyangwa bitinze ku buryo atibwiraga. . Nguko rero uko iteka ry'amayoberane mu byahishuwe by'Imana ryatanzwe ku bushake Bwayo, Yo soko y'ububasha n'ubushishozi "[11]**

1. Ijambo "rangurura" risobanuye iki? ______________________________

   ______________________________________________________________

2. Tugomba kurangurura amagambo y'Imana mu buhe buryo? ______________

   ______________________________________________________________

   ______________________________________________________________

   ______________________________________________________________

3. Interuro "gusubiramo amagambo" isobanura iki? ____________________

   ______________________________________________________________

4. Ijambo "Gukwirakwiza"" rishatse kuvuga iki? ______________________

   ______________________________________________________________

5. Uburyohe bw'injyama yacu buzagira ingaruka ki kuri roho zacu? __________

   ______________________________________________________________

6. Uburyohe bw'injyana yacu buzagira ingaruka ki ku mitima y'abandi? _________

___________________________________________________________________

___________________________________________________________________

___________________________________________________________________

## ICYICIRO CYA 7

Mushobora kwifuza gufata mu mutwe ibika bibiri bikurikira byakuwe mu isengesho ryahishuwe na Bahá'u'lláh**:**

**"O Mana, Mana yanjye! Ntiwite ku byifuzo byanjye n'ibikorwa byanjye, ahubwo wite kugushaka kwawe kubumbatiye ijuru n'isi. Wowe Mana w'ibihugu byose,**

**Mu izina ryawe rikomeye, nifuje icyo wowe ushaka, nkunda gusa icyo wowe ukunda."[12]**

**"Uri hejuru cyane kugirango ibisingizo by'abari hafi yawe bigere ku ijuru ry'ukubaho kwawe, cyangwa inyoni z'imitima y'abakwemera zigere kururembo rw'umuryango wawe. Ndahamya ko uhebuje kurusha ibisingizo byose, ukaba utunganye kuruta amazina yose. Nta yindi Mana ibaho itari wowe, Ikirenga, Nyirikuzo."[13]**

## ICYICIRO CYA 8

'Abdu'l-Baha aravuga ati :

**"Birakwiye ko umugaragu asenga agasaba ubufasha Imana, akayinginga. Uwo niwo murongo w'umugaragu, noneho Imana ikazakora mu gushaka kwayo igendeye mu bushishishozi bwayo bwuzuye."[14]**

Arongera agasobanura ati :

**"Roho igira impinduka kandi isengesho rigira umusaruro. Dusenga rero tuvuga ngo : 'Mana, kiza uyu murwayi!' Kubw'amahirwe Imana igasubiza. Ese Imana irobanura abantu igendeye ku isengesho? Imana izasubiza isengesho rya buri muja wayo niba ibyifuzo byihutirwa. Impuhwe zayo ni nyinshi kandi ntizigira umupaka. Isubiza amasengesho y'abagaragu bayo bose. Isubiza isengesho ry'iki gihingwa. Igihingwa gisenga kinginga giti : 'Yewe Mana! Nyohererereza imvura! Imana igasubiza rya sengesho noneho igihingwa kigakura. Imana izasubiza buri wese "[15]**

Ni ibisanzwe ko mu masengesho yacu dushobora gusenga dusaba Imana kuduha ibyo dukeneye. Niyo mpamvu rero dusengera ubuzima bwacu n'ubuzima bw'abo dukunda, dusengera gutera imbere kuri roho no mu bushobozi bw'imiryango yacu, tukanasengera kuyoborwa nayo. Dusaba imbaraga, ukwemera no gukomezwa mu nzira y'ubwitange. Iyo dusenga Imana birumvikana ko tugomba kwibuka ko intego y'ubuzima bwacu ari uko ugushaka kwacu gusa n'ugushaka kwayo. Rero tugomba gusenga kugirango ugushaka kwayo gukorwe, kandi tukaba twiteguye kubyakira. Nimufata mu mutwe amagambo akurikira ya 'Abdu'l-Bahá, azababera isoko y'ibyishimo n'ubwishingizi mu bihe byose:

> **"Yewe wowe uhindukirira Nyagasani! Funga amasamo ku bindi bintu byose hanyuma uyafungurire ubwami bwa Nyir'ikuzo. Umusabe icyo wifuza cyose We wenyine; Ushake icyo ushaka cyose kuri We wenyine. N'indoro ye gusa asubiza ibyifuzo ibihumbi jana, n'ijisho rimwe gusa akiza indwara zidakira ibihumbi jana , n'imboni imwe gusa yomora buri gikomere; gucyebuka gusa, aha amahoro imitima yari ifite intimba. Akora icyo agomba gukora, none ubwo ni ubuhe bufasha dufite? Yuzuza ugushaka kwe kandi agakora ibimunyura. Rero ni ngombwa ko wicisha bugufi igihe umusaba hanyuma icyizere cyawe cyose ukagiharira Imana yo Nyir'impuhwe."** [16]

## ICYICIRO CYA 9

Uhereye ku bintu twize kugeza ubu, biragaragara ko guhindukirira Imana mu gihe dusenga ari ikintu k'ingenzi kubuzima bw'ubutungane. Mbega ukuntu bihebuje gusenga Imana mu gihe ukibyuka na nimugoroba mbere yo kujya kuryama. Igihe tumara dusenga buri munsi n'umubare w'amasengesho tuvuga biterwa n'ibyo dukeneye cyangwa n'inyota ya roho. Kuri buri mwanya tubonye, dushobora guhitamo mu masengesho yahishuwe na Bahá'u'lláh, Báb na 'Abdu'l-Bahá. Bahá'u'lláh yahishuye kandi amasengesho atatu yategetswe kuvugwa buri munsi. Shoghi Effendi avuga ko:

> **"Amasengesho ya buri munsi yategetswe ni atatu. Irigufi muri yo rigizwe n'interuro imwe rukumbi rigomba kuvugwa rimwe mu masaha 24 rikavugwa ku gicamunsi. Isengesho riringaniye ritangizwa n'amagambo 'Ntanze Imana ho umugabo ko ntayindi Mana itari Yo' rigomba kuvugwa inshuro eshatu ku munsi, mu gitondo saa sita na nimugoroba. Iri sengesho riherekezwa n'ibikorwa, n'ibimenyetso bimwe na bimwe byahishuwe bijyana naryo. Isengesho rirerire ari naryo risesenguye cyane muri aya atatu, rigomba kuvugwa inshuro imwe mu masaha makumyabiri n'ane, kandi ku gihe icyo ari cyo cyose twumva dukeneye kurivuga."** [17]

> **"Uwemera afite umudendezo wo kwihitiramo rimwe yishakiye muri ayo masengesho uko ari atatu. Ariko afite inshingano yo kurivuga akuriije amabwiriza yose asobanuye ashobora kuriherekeza".** [18]

Kandi akomeza avuga ati :

**"Aya masengesho yategetswe ya buri munsi, hamwe n'andi y'umwihariko nk'Isengesho ryo gukiza, Urwandiko rwa Ahmad, yahawe na Bahá'u'lláh ububasha n'igisobanuro cyihariye, kubw'ibyo agomba kwemerwa uko ari, abemezi bakayavugana ukwemera n'ibyiringiro bidashidikanywa, kugirango, kubwayo, bashobore gusabana n'Imana no kugendera byimazeyo mu mategeko n'amahame yayo".** [19]

Aya masengesho atatu yahishuwe na Bahá'u'lláh avugwa n'umuntu ku igiti cye. Amasengesho yo mu ruhame aho isengesho ryategetswe buri munsi rivugwa mu itsinda hagendewe ku mahame runaka, ntabaho mu kwemera kwa kibahá'í. Isengesho ryo gusabira abapfuye niryo ryonyine rivugirwa mu ruhame dukurikije amategeko ya kibahá'í. Rigomba kuvugwa n'umwe mu bateguwe mbere yo gushyingura, muri icyo gihe abasigaye baba bahagaze bacecetse.

1. Ijambo "ryategetswe" risobanura iki? ___________________________________

   ___________________________________________________________________

2. Bahá'u'lláh yahishuye amasengesho yategetswe ya buri munsi angahe? ________

   ___________________________________________________________________

3. Ese dushobora kuvuga buri munsi amasengesho yategetswe yose uko ari atatu?

   ___________________________________________________________________

4. Iyo duhisemo Isengesho rirerire ryategetswe, tugomba kurivuga inshuro zingahe ku munsi? ___________________________________________________________

5. Iyo duhisemo Isengesho riringaniye, dutegetswe kurivuga inshuro zingahe? _____

   ___________________________________________________________________

6. Iyo duhisemo Isengesho rigufi, turivuga inshuro zingahe? ___________________

7. Nimuvuge amwe n'amwe mu masengesho yahawe ububasha bw'umwihariko:

   ___________________________________________________________________

   ___________________________________________________________________

8. Nimufate mu mutwe niba mutari mwabikora, Isengesho rigufi ryategetswe.

**"Ndemera Mungu wanjye, ko wandemeye kukumenya no kugusenga. Muli aka kanya nemeye amagara make yanjye n'ubushobozi Bwawe, ubukene bwanjye n'ubukungu Bwawe. Ntayindi Mana ibaho Itali Wowe, Umufasha mu byago, Ubaho kubwe Wenyine."** [20]

9. Ni iki twemera muri iri isengesho? ______________________________________

______________________________________________________________

______________________________________________________________

______________________________________________________________

## ICYICIRO CYA 10

Tugomba kwibuka ko usibye imigisha turonka mu kubaha isengesho ryategetswe n'ibidutunga turonka mu gihe tuvuga andi masengesho kugiti cyacu, roho zacu zizamurwa mu gihe twumva amasengesho avugirwa mu ikoraniro ryaba rito cyangwa rinini. Bahá u'lláh aratubwira ati :

**"Nimuhurire mu byishimo n'ubusabane bihebuje maze musubiremo imirongo yahishuwe na Nyagasani Nyir'impuhwe. Ibyo nimubikora imiryango y'ukuri nyako izafungurirwa imitima yanyu, muzumva roho zanyu zikomejwe n'imitima yanyu yujujwe ibyishimo bisendereye."** [21]

Dukuramo twese ibyishimo byinshi kumenya ko ahantu hose mu isi, mu nama z'amasengesho aho inshuti n'abaturanyi bahurira ngo bashyikirane n'Imana bari kwikuba inshuro nyinshi. Inzu nsanganyasi y'ubutabera yandika ko:

"**Inama z'amasengesho ni akanya roho iyo ariyo yose ishobora kwinjira igahumeka umubavu wo mu ijuru, igasogongera ku buryohe bw'isengesho, ikazirikana ku Ijambo ryubaka, ikemera gutwarwa mu mababa ya mwuka ikaganira n'Umukundwa umwe gusa. Amarangamutima y'urukundo no gusabana ahuriweho aravuka mu buryo busanzwe bwa kamere, by'umwihariko mu biganiro by'ubutungane kandi aho 'umugi w'umutima w'umuntu ushobora gufungurwa."** [22]

Iyo twumva dufite ubushake bwo gusenga, dutegereza akanya twitonze kugirango tubashe gusukura ibintu by'isi mu mutwe wacu. Iyo dusenga, ibitekerezo byacu byose tubyerekeza ku Mana. Nyuma yo kuvuga amasengesho tuguma ducecetse akanya gato ntiduhite duhindukirira gukora ikindi kintu. Ni kimwe n'iyo twumva amasengesho ari kuvugwa n'abandi mu gihe cy'amateraniro. Mu bihe bimeze bityo tugumana imyifatire y'isengesho tugakurikirana twitonze amagambo ari kuvugwa nk'aho ari twe ubwacu turi kuyavuga.

1. Ni mu wuhe mwuka tugomba guhuriramo iyo turi gusoma amagambo y'Imana?

______________________________________________________________________

______________________________________________________________________

2. Ese guhura tugasoma amagombo y'Imana bigira izihe ngaruka?

______________________________________________________________________

______________________________________________________________________

______________________________________________________________________

3. Inama z'amasengesho ni akanya aho roho iyo ariyo yose ishobora?

— ________________________,

— ________________________________________________,

— ________________________________________________,

— ________________________________________________

— ____________________________________________________________ kandi

— ______________________________________________________________

4. Ni ayahe marangamutima tugira mugihe cy'inama z'amasengesho? ____________

______________________________________________________________________

5. Ni izihe ngaruka z'ibiganiro by'ubutungane bivuka kuburyo busanzwe mu gihe cy'inama z'amasengesho? ______________________________________________

______________________________________________________________________

______________________________________________________________________

6. Nimwandike amagambo make ku buryo dushobora kwitwara mu gihe dusenga turi twenyine cyangwa turi mu materaniro.

______________________________________________

______________________________________________

______________________________________________

______________________________________________

______________________________________________

## ICYICIRO CYA 11

Igice cya mbere cy'iki gitabo kibanze ku muco wo gusoma buri munsi amagambo yo mu Nyandiko no kuzirikana ku bisobanuro byayo. Hano mwatekereje ku kamaro k'isengesho n'umusaruro dukuramo. None kuri izo mpamvu mwarushijeho gukomeza umuco wo gusenga buri munsi. Icyiciro giherutse cyarushijeho kudusobanurira akamaro ko gusengera mu ruhame. Ibyo mwize byose kugeza ubu, byabateguye ku kuba niba mubyifuza mwatangira igikorwa cya mbere mu nzira y'ubwtange: Kwakira inama y'amasengesho.

Nk'intambwe ya mbere, ushobora kwifuza gufata mu mutwe amasengesho mesnhi noneho ugashaka umwanya wo kuyasangiza inshuti nkeya. Mu gihe kimwe kandi, ushobora guharanira kwitabira nibura imwe mu nama z'amasengesho zo mu muryango wanyu noneho ukaba umwe mubayishyigikira ku buryo bushimishije. Nyuma, nawe ubwawe ushobora gutangiza inama y'amasengesho, utumira inshuti zawe, abagize umuryango n'abaturanyi, mukajya muhura buri gihe mugasenga mukanasabana. Ntabwo ari igitangaza kandi ko babiri cyangwa batatu mubari kwiga iri somo bafatanya gufungura inama y'amasengesho imwe.

Nk'uko ushobora kubitekeraza, nta buryo buhari ngenderwaho bugaragaza uko inama y'amasengesho igomba gutegurwa. Ariko birumvikana ko ari aho inshuti zihurira zigasenga, zigasoma imirongo yo mu Nyandiko, zikanagirana ikiganiro cyubaka, kandi byose bigakorwa mu mwuka w'ubutungane. Mushobora kuvuga mu ncamake kuri ibi bitekerezo bikurikira, birebana no kwakira inama y'amasengesho?

Gutumira mu buryo bw'urugwiro kandi bwuje urukundo: ____________________

______________________________________________

______________________________________________

______________________________________________

Gutegura ku buryo hakiranwa urugwiro: ___________________________________

___________________________________________________________________________

___________________________________________________________________________

___________________________________________________________________________

Guhorana umutima wo kubaha: ___________________________________________

___________________________________________________________________________

___________________________________________________________________________

___________________________________________________________________________

Guteza imbere ubusabane bushingiye ku munezero __________________________

___________________________________________________________________________

___________________________________________________________________________

___________________________________________________________________________

Gushishikaza ibiganiro byubaka by'ubutungane ____________________________

___________________________________________________________________________

___________________________________________________________________________

___________________________________________________________________________

## REFERENCES


1. *Gleanings from the Writings of Bahá'u'lláh* (Wilmette: Bahá'í Publishing Trust, 1983, 2017 printing), XLIII, par. 4, p. 105.

2. Bahá'u'lláh, in *Trustworthiness: A Compilation of Extracts from the Bahá'í Writings*, compiled by the Research Department of the Universal House of Justice (London: Bahá'í Publishing Trust, 1987), no. 21, p. 5.

3. *The Call of the Divine Beloved: Selected Mystical Works of Bahá'u'lláh* (Haifa: Bahá'í World Centre, 2018), no. 2.43, p. 31.

4. From a talk given on 5 May 1912, published in *The Promulgation of Universal Peace: Talks Delivered by 'Abdu'l-Bahá during His Visit to the United States and Canada in 1912* (Wilmette: Bahá'í Publishing, 2012), p. 127.

5. Bahá'u'lláh, *The Hidden Words* (Wilmette: Bahá'í Publishing Trust, 2003, 2012 printing), Arabic no. 13, pp. 6–7.

6. From a letter dated 8 December 1935 written on behalf of Shoghi Effendi, published in *Prayer and Devotional Life: A Compilation of Extracts from the Writings of Bahá'u'lláh, the Báb, and 'Abdu'l-Bahá and the Letters of Shoghi Effendi and the Universal House of Justice*, compiled by the Research Department of the Universal House of Justice (Wilmette: Bahá'í Publishing, 2019), no. 71, p. 31.

7. Words of 'Abdu'l-Bahá, cited by J. E. Esslemont, *Bahá'u'lláh and the New Era: An Introduction to the Bahá'í Faith* (Wilmette: Bahá'í Publishing, 2006, 2017 printing), p. 106.

8. Ibid.

9. Bahá'u'lláh, in *Bahá'í Prayers: A Selection of Prayers Revealed by Bahá'u'lláh, the Báb, and 'Abdu'l-Bahá* (Wilmette: Bahá'í Publishing Trust, 2002, 2017 printing), pp. 7–8.

10. Ibid., p. 9.

11. Words of 'Abdu'l-Bahá, cited in *Star of the West*, vol. 8, no. 4 (17 May 1917), p. 41.

12. *Gleanings from the Writings of Bahá'u'lláh*, CXXXVI, par. 2, p. 334; also in *Bahá'í Prayers*, p. iii.

13. Bahá'u'lláh, in *Bahá'í Prayers*, pp. 8–9.

14. Ibid., p. 12.

15. 'Abdu'l-Bahá, in *Prayer and Devotional Life*, no. 24, p. 7.

16. From a talk given by 'Abdu'l-Bahá on 5 August 1912, published in *The Promulgation of Universal Peace*, p. 345.

17. *Selections from the Writings of ‘Abdu’l-Bahá* (Wilmette: Bahá’í Publishing, 2010, 2015 printing), no. 22.1, pp. 75–76.

18. From a letter dated 10 January 1936 written on behalf of Shoghi Effendi, published in *Prayer and Devotional Life*, no. 61, p. 25.

19. From a letter dated 10 January 1936 written on behalf of Shoghi Effendi, quoted in *Bahá’í Prayers*, p. 301.

20. Bahá’u’lláh, in *Bahá’í Prayers*, p. 4.

21. Bahá’u’lláh, in *Prayer and Devotional Life*, no. 68, p. 29.

22. From a message dated 29 December 2015, published in *Framework for Action: Selected Messages of the Universal House of Justice and Supplementary Material, 2006–2016* (West Palm Beach: Palabra Publications, 2017), no. 35.49, p. 232.



# Ubuzima n'urupfu

Ikigamijwe

Kwishimira ko ubuzima butagizwe gusa n'impinduka n'amahirwe by'iyi isi, ahubwo ko bukura igisobanuro nyakuri mu iterambere rya roho.

## ICYICIRO CYA 1

Roho ya muntu iri hejuru ya byose mu isi yo kubaho. Muri rimwe mu magambo ye, 'Abdu'l-Bahá asobanura ibikurikira:

**"Iyi mibiri yo ku isi igizwe n'utunyangingo duto cyane, iyo utu tunyangingo dutangiye gutandukana habaho ugusenyuka, noneho ibyo bikavamo ibyo twita urupfu . . ."** [1]

**"Ariko ku birebana na roho biratandukanye. Roho ntabwo igizwe n'uruhurirane rw'ibintu, cyangwa rw'utunyangingo twinshi, ahubwo igizwe n'icyiciro kimwe rukumbi kandi kidashobora gutandukana, niyo mpamvu ihoraho iteka. Ntaho ihuriye na gato n'iremwa ry'ibifatika: ntijya ipfa!"** [2]

1. Ijambo "igizwe na" rishatse kuvuga iki? ________________________________

2. Ese roho ya muntu igizwe n'ibintu bitandukanye, nk'uko umubiri w'umuntu umeze? ________________________________________________________________

3. Ese roho ya muntu ni ikintu gifatika? ____________________________________

## ICYICIRO CYA 2

Ibaruwa yanditswe mu izina ry'Umurinzi w'ukwemera ivuga ko "Roho iza mu muntu mu gihe cyo gusama". Isubiza ku kibazo kijyanye n'igisobanuro cyo "gusama", Inzu Nsanganyasi y'ubutabera ivuga ko:

**"Nta hantu na hamwe mu Nyandiko za kibahá'í habonetse ko hasobanura neza igihe nyakuri n'imimerere y'ikiswe 'gusama'. N'uburyo iri jambo risobanurwa n'ubuganga ntabwo nabwo busobanutse neza. Mu by'ukuri uburyo bumwe bwo kumva ijambo gusama ni uko ari kimwe no gutwita, ubundi busobanuro ni uko gusama biza bikurikiye igihe cy'uburumbuke no guhura kw'intanga ngabo n'intanga ngore, n'ukugera k'urusoro muri nyababyeyi, ibyo bikaba ari intangiriro yo gusama. Rero ntibishobora kumenyekana igihe nyacyo roho n'umubiri bihurira, kandi ikibazo nk'icyo gishobora kuba amayobere ku bitekerezo n'ubushakashatsi bya muntu kubera yuko ibibazo nk'ibyo bijyanye n'amayobera y'isi y'ubutungane n'imiterere ya roho ubwayo."** [3]

1. Ni ryari roho ya muntu itangira kubaho? ________________________________

   ________________________________________________________________

2. Ese "gusama" byaba bisobanura igihe runaka nyakuri kibera mu mubiri w'umuntu?

   ________________________________________________________________

## ICYICIRO CYA 3

Isano riri hagati ya roho n'umubiri rirenze ibifatika; roho ntiyinjira ntinasohoka mu mubiri nta n'ubwo igira umwanya ibarizwamo mu mubiri. Ukwihuza kwayo n'umubiri, twakugereranya nk'urumuri hamwe n'indorerwamo irugaragaza. Urumuri rugaragara mu ndorerwamo ariko ntabwo ruba ruri mu ndorerwamo imbere. Ni kimwe rero na roho, nayo ntabwo iba imbere mu mubiri, nkuko 'Abdu'l-Bahá abisobanura:

> **"Roho nyakuri cyangwa mwuka wa muntu ntabwo iba muri uyu mubiri mu buryo bufatika, bishatse kuvuga ko roho itawinjiramo, gufatika no kwinjira ni bimwe mu biranga umubiri kandi roho nyakuri iratunganye hejuru y'ibi byose. Ntiyegeze yinjira muri uno mubiri na mbere hose, kubera iki se nyuma y'urupfu yakenera ahandi hantu ho kuba. Oya, isano riri hagati ya roho n'umubiri risa neza n'iriri hagati y'itara n'indorerwamo. Niba indorerwamo ikeye, iba igaragaza neza urumuri rw'itara ruyigaragaragaramo; ariko niba indorerwamo yarasadutse cyangwa ifite umukungugu nta rumuri igaragaza."** [4]

1. Nimwuzuze mu mwanya urimo ubusa mu nteruro zikurikira:

   a. Roho nyakuri, cyangwa ______________________________, ntabwo iba muri uyu mubiri mu buryo bufatika, bishatse kuvuga ko roho ita ________________

   b. ___________________ cyangwa mwuka wa muntu, ntabwo yinjira mu mubiri, kubera ko gufatika no kwinjira ari ______________________________ kandi roho nyakuri ___________________

   c. Na mbere hose roho ntiyigeze __________________________, kubera iki se mu gihe iwuvuyemo yakenera _______________________________________

   d. Isano riri hagati ya roho n'umubiri risa neza n'iriri hagati _________________.

   e. Niba indorerwamo ikeye _______________________________ ruyigaragaragaramo neza.

   f. Niba indorerwamo yarasadutse cyangwa ifite umukungugu, ______________.

   ___________________.

2. Tugendeye kubyo twize kugeza ubu, emeza niba imvugo zikurikira ari ukuri:

   ______ Roho ntabwo ari iyo muri ino isi.

   ______ Roho iba mu mubiri.

_______ Umubiri niwo nyiri roho.

_______ Roho ntabwo ipfa.

_______ Umuntu atangira kubaho iyo roho yihuje n'urusoro.

_______ Ubuzima butangira igihe umuntu avutse muri iyi si.

_______ Kubaho kw'umubiri ufatika birakomeza nyuma y'urupfu.

_______ Ubuzima bugizwe n'ibintu bitubaho buri munsi.

3. Koresha ishusho y'urumuri n'indorerwamo usobanure isano iri hagati ya roho n'umubiri: ____________________________________________

____________________________________________

____________________________________________

____________________________________________

____________________________________________

## ICYICIRO CYA 4

Hariho isano yihariye cyane hagati ya roho n'umubiri, byombi bikaba bigize ikiremwamuntu. Iyo sano igumaho gusa mu gihe cy'ubuzima bupfa. Iyo iri sano rirangiye, buri kimwe muri byombi gisubira ku nkomoko yacyo, umubiri ujya mu gitaka, naho roho igasubira mu isi z'ubutungane z'Imana aho ikomeza gutera imbere. 'Abdu'l-Bahá avuga ko :

> **"Roho ya muntu igira itangiriro ariko ntigira iherezo. Izakomeza kubaho iteka."** [5]

> Mu kiganiro cye kimwe yasobanuye ibi :

> **"Roho ntabwo ikeneye umubiri ahubwo ni umubiri ukeneye roho, kuko utashobora kubaho utayifite. Roho yabaho nta mubiri ariko umubiri udafite roho urapfa."** [6]

> Umurinzi nawe asobanura ko:

> **"Ku birebana na roho y'umuntu: ugendeye ku nyigisho za kibahá'í, roho ya muntu ivuka mu gihe cy'isama igakomeza kubaho inyuze mu ruhererekane rw'ubuzima rudashira nyuma yo kwitandukanya n'umubiri. Kubaho kwayo rero ntibigira iherezo."** [7]

1. Tugendeye ku mirongo yanditswe hejuru nimusubize ibibazo bikurikira : _______

________________________________________________________________________

a Ese umubiri ukeneye roho ? ___________________________________________

b Ese roho ikeneye umubiri ? ___________________________________________

c Ese nyuma y'urupfu bigendekera bite isano hagati ya roho n'umubiri ? _____

________________________________________________________________________

d Bigendekera bite roho nyuma y'urupfu ? ________________________________

________________________________________________________________________

e Iterambere rya roho rirangira ryari ? __________________________________

________________________________________________________________________

f Ubuzima burangira ryari ? ____________________________________________

________________________________________________________________________

2. Hitamo mu mvugo zikurikira izemerenywa n'ibyo twasomye muri ibi byiciro :

_______ Urupfu ni igihano.

_______ Ukwihuza kwa roho n'umubiri bimara gusa igihe cyo kubaho hano kw' isi.

_______ Umubiri ufite ubushobozi bwo gutera imbere iteka.

_______ Roho izakomeza gutera imbere iteka.

_______ Urupfu ni iherezo ry'ubuzima.

_______ Hazabaho umunsi w'urubanza aho imibiri yacu izazamuka.

_______ Igihe cy'urupfu roho igira ubwigenge busumba ubwo yari ifite mbere.

_______ Ubuzima burangirana n'urupfu.

_______ Twakagombye gutinya urupfu.

_______ Ibiryo, imyenda, kuruhuka no kwidagadura ni ngombwa kuri roho.

______ Roho irananirwa iyo umubiri ukoresha imbaraga zawo.

______ Roho ntifatwa n'indwara cyangwa intege nke z'umubiri.

______ Umuntu azakomeza gukenera ibintu bifatika nyuma y'urupfu.

## ICYICIRO CYA 5

Twabonye ko roho nta mwanya wihariye ifata mu mubiri w'umuntu kandi nta n'ubwo ikurikiza amategeko karemano yo ku isi nk'uko ibindi biremwa bifatika biyakurikiza. Roho igira uruhare mu isi ibinyujije mu mubiri ariko ubu sibwo buryo bwonyine roho igararagaza ububasha bwayo. Bahá'u'lláh aravuga ati:

**"Ndababwira ukuri, roho ya muntu yahawe ububasha buruta ibyinjira n'ibisohoka. Iguma aho iri itanyeganyega kandi muri ako kanya iri kuguruka, na none iba iri kugenda kandi itava aho iri."** [8]

Na 'Abdu'l-Bahá aratubwira ati:

**"Mumenye ko uruhare n'ukwigaragaza bya roho biri mu moko abiri ; bishatse kuvuga ko roho ya muntu ifite uburyo bubiri bw'imikorere no kumva. Uburyo bwa mbere bukora ibinyujije mu bice bigize umubiri wa muntu. Ubwo rero ireba ikoresheje amaso, ikumva ikoresheje ugutwi, ikavuga ikoresheje ururimi…**

**"Ubundi buryo roho ikoramo ntabwo ibinyuza mu bice bigize umubiri."** [9]

1. Nimwuzuze ibibura mu nteruro zikurikira:

   a. Roho ya muntu yahawe ububasha buruta ____________ n'_______________ .

   b. Iguma ______________ kandi ______________.

   c. Iba iri ______________ kandi ______________.

2. Sobanura uburyo bubiri roho yigaragaza kandi ikagira uruhare muri iyi si : _____

   ____________________________________________________________________

   ____________________________________________________________________

   ____________________________________________________________________

3. Mushobora gutanga ingero z'uburyo roho igira uruhare, n'ibikorwa byayo idakoresheje umubiri ? ______________________________________________

_______________________________________________________________

_______________________________________________________________

_______________________________________________________________

_______________________________________________________________

## ICYICIRO CYA 6

Nimusome imirongo ikurikira yanditswe na Bahá'u'llàh hanyuma mubihuze n'ibyanditswe mu bice bibanza :

**"Menya ko roho ya muntu yakujijwe kuruta ibintu byose kandi itagengwa n'umubiri cyangwa ubwenge. Nubwo iyo umuntu arwaye agaragaza ibimenyetso by'intege nke bitewe n'imbogamizi indwara ishyira hagati y'umubiri na roho ye, nyamara nta ngaruka n'imwe bigira kuri roho ubwayo. Fata urugero rw'urumuri rw'itara, nubwo hari ikintu cyaza kibangamira urumuri gutambuka, itara ryo ubwaryo riguma ryaka kandi rinagaragaza za mbaraga za rwa rumuri. Mu buryo busa rero, indwara yose ishegesha umubiri w'umuntu ibangamira roho kugaragaza ubushobozi bwayo n'imbaraga zayo. Mugihe ivuye mu mubiri, roho yerekana ubushobozi bwayo, kuburyo nta kindi kintu ku isi cyayirusha imbaraga. Buri roho isukuye, yejejwe kandi yatagatifijwe izagira ubushobozi butajegajega kandi izagira ibyishimo bisendereye."** [10]

1. Sobanura mu magambo yawe uburyo roho idashobora guhangarwa n'intege nke z'umubiri cyangwa iz'ubwenge, unasobanure ubushobozi izagaragaza nyuma yo gutandukana n'umubiri.

_______________________________________________________________

_______________________________________________________________

_______________________________________________________________

_______________________________________________________________

_______________________________________________________________

_______________________________________________________________

2. Tuzagumana kamere yacu nyuma y'urupfu rw'umubiri wacu bwite ? __________

_______________________________________________________________

## ICYICIRO CYA 7

Bahá'u'lláh aravuga ati :

**"Noneho reka tugaruke ku kibazo cyawe cyerekeye roho y'umuntu n'imibereho yayo nyuma y'urupfu : Mu by'ukuri, menya ko roho iyo imaze gutandukana n'umubiri, ikomeza gutera imbere mu miterere no mu myifatire, nta n'imwe iyibangamira yaba impinduka z'ibihe by'imyaka itabarika, cyangwa se amahirwe n'akaga by'iyi isi, kugeza ubwo izagera imbere y'Imana. Izakomeza kubaho kimwe n'ubwami Bwayo, ubutegetsi Bwayo, ubuhangange Bwayo n'ububasha Bwayo. Izagaragaza ibimenyetso n'imigenzo by'Imana, kandi ihishura ubugwaneza Bwayo n'ubuntu Bwayo."** [11]

1. Nyuma y'urupfu rw'umubiri roho izakomeza kubaho kugeza ryari ? __________

   ______________________________________________________________

2. Roho izaba ifite iyihe mimerere mu gihe izaba ikomeje urugendo rwayo igana ku Mana ? ______________________________________________________

   ______________________________________________________________

3. Ni ibihe bimenyetso n'imigenzo roho izagaragaza muri icyo gihe? ___________

   ______________________________________________________________

   ______________________________________________________________

4. Tugendeye kubyo twize kugeza ubu, nimuvuge niba izi mvugo ari ukuri :

   ______ Ubwami bw'Imana buzabaho ubuziraherezo.

   ______ Roho ifite ubushobozi bwo kugaragaza imigenzo y'Imana.

   ______ Amasengesho tuvuga dusabira abapfuye ntacyo afasha ukubaho kwa roho zabo.

   ______ Roho ibaho ubuziraherezo ?

## ICYICIRO CYA 8

Baha’u’llah agira ati :

**“Umenye yuko ugutwi kwose gushobora kumva, iyo gusukuye nta mwanda, igihe cyose n’aho ryaturuka hose, kugomba kumva ijwi rivuga aya magambo matagatifu : ‘Mu by’ukuri dukomoka ku Mana, kandi tuzasubira ku Mana.’ Amayobera y’urupfu rw’umubiri w’umuntu n’ihindukira rye ntibyatangajwe kandi biracyari ibanga.**

**“Urupfu ruha buri uwemera wizera inkongoro mu by’ukuri, ariyo buzima. Rutanga ibyishimo kandi rukazana umunezero. Rutanga impano y’ubuzima bw’iteka**

**“Naho ku bariye ku rubuto rw’imibereho yo ku isi ya muntu, ari kwo kwemera Imana Nyakuri yonyine, ikuzo ryayo nirihimbazwe, imibereho yabo mu zindi si za kure izaba iteye ku buryo tudashobora kuyisobanura. Ubumenyi bwaho bwahariwe Imana yonyine, Nyagasani w’isi zose”.** [12]

**“Yewe Muhungu w’Usumba Byose ! Nagize urupfu intumwa y’amahoro, kuki uhungabana ? Urumuri naruremeye kukumurikira, kuki uguma mu mwijima ? ”** [13]

1. Nimwerekane niba imvugo zikurikira ari ukuri?

_______ Roho y’umuntu ikomoka ku Mana kandi izasubira kuri Yo

_______ Ubumenyi bwose ku buzima nyuma y’urupfu bufitwe n’Imana yonyine.

_______ K’umwemezi nyakuri urupfu ni ubuzima.

_______ Urupfu rutera umunezero.

_______ Amayobera y’urupfu yarahishuwe kandi azwi n’abantu bose.

_______ Tugomba kwishimira ibyiza by’ubuzima nta bwoba bw’urupfu dufite, kuko urupfu ari intumwa y’amahoro.

_______ Ntabwo ari ngombwa kuri twe kumenya iby’ubuzima nyuma y’urupfu.

2. Tugendeye kubyo twize muri ibi byiciro, nimwandike amagambo make ku buzima, urupfu, umubiri na roho.

_______________________________________________________________

_______________________________________________________________

## ICYICIRO CYA 9

‘Abdu’l-Bahá avuga ko :

**“Mu ntangiriro y’ubuzima bwe bwa kimuntu, umuntu yari urusoro mu nda ya nyina. Yahaboneye ubushobozi n’impano nyabyo bizamufasha kubaho muri ino si. Ubushobozi nkenerwa muri ino si yabuherewe mu nda ya nyina. Muri iyi si, yari akeneye amaso, ayabonera mu isi yo mu nda ya nyina. Yari akeneye amatwi muri ino isi, yayaherewe mu nda ya nyina. Noneho mu gihe yinjiraga muri ino si yabonye ko yari afite ubushobozi bwose kandi muri iyo si yo munda ya nyina yahaherewe ibice n’ingingo zose zigize umubiri azakoresha ageze muri ino isi. Agomba rero kwitegura akiri muri iyi si ubuzima bwo mu yindi. Ni ngombwa ko hano ahabwa ibyo azakenera mu isi y’ubwami. Ibyo azakenera mu isi y’ubwami agomba kubibona no kubitegurira hano. nk’uko ahabwa ibyo azakenera muri ino isi akiri mu nda ya nyina, ni kimwe rero nk’uko muri ino isi agomba kubona ibizamutunga mu isi y’ubwami, bishatse kuvuga ko imbaraga zose z’ijuru azakirira muri ino isi.” [14]**

1. Nimweze niba izi mvugo ari zo:

_______ Mu nda ya ba mama niho twaherewe ubushobozi n'impano dukeneye muri iyi si.

_______ Ntabwo dukeneye kwitegurira ubuzima bwo mu yindi si.

_______ Ibyo tuzakenera mu isi y'ubwami, niho tugomba kubibonera.

_______ Icyo ubuzima turimo hano munsi bugamije, ni ukugirango twakire ubushobozi bukenewe ku buzima bwo mu isi izaza.

_______ Ubuzima nyakuri butangira igihe umuntu apfuye kandi atashye mu bwami bw'Imana.

_______ Ubuzima nyakuri butangirira kuri iyi si bukanakomeza nyuma y'urupfu rw'umubiri.

2. Ni ubuhe bushobozi bumwe na bumwe umuntu yakira akiri mu isi yo munda ya nyina? ______________________________________________

______________________________________________

______________________________________________

3. Ni izihe mpano dushobora guhabwa muri ino si zazadufasha mu buzima nyuma y'urupfu? ______________________________________________

______________________________________________

______________________________________________

## ICYICIRO CYA 10

Bahá'u'lláh aravuga ati :

**"Kuri uyu munsi, umurimo w'ingenzi w'umuntu, ni ukubona umugabane ku ngabire zitabarika Imana yamugeneye. Ubwo rero, ntihakagire umuntu wita ku bunini cyangwa ubuto bw'intango. Uruhare rwa bamwe rushobora kugerwa mu kiganza, urw'abandi rwakuzura urwabya cyangwa umunoga". [15]**

1. Tugendeye kubyanditswe mu mirongo yo haruguru nimusubize ibibazo bikurikira:

   a Ni uwuhe murimo w'ingezi wa buri muntu kuri uyu munsi ? ______________

   ______________________________________________

b Ni iyihe migisha wahawe n’Imana ? ________________________________

____________________________________________________________

____________________________________________________________

c Muri iri bango, Ijambo “intango” rishatse kuvuga iki ? _________________

____________________________________________________________

d Kubera iki tutagomba kwita “ku bunini cyangwa ubuto” bw’ubushobozi Twagenewe ? _________________________________________________

____________________________________________________________

____________________________________________________________

____________________________________________________________

e Ni ibihe bintu bitubuza kwakira umugabane wacu ku buntu bw’Imana ? ____

____________________________________________________________

____________________________________________________________

____________________________________________________________

2. Nimwerekane mu mvugo zikurikira izukuri ari izihe.

______ “Ubunini cyangwa ubuto” by’ubushobozi bwacu bishaka kuvuga ubwenge dufite.

______ Kugira ngo dukorere Imana tugomba kwibagirwa intege nke zacu kandi tugashyira amizero yacu kuri Yo.

______ Nitudateza imbere ubushobozi Imana yaduhaye muri iyi si, roho yacu izacika intege igihe izaba igeze mu yindi si.

## ICYICIRO CYA 11

Bahá’u’lláh aravuga ati:

**“Wambajije ku byerekeye kamere ya roho. Mu by’ukuri, menya ko roho ari ikimenyetso cy’Imana, ni ibuye ry’agaciro ryo mu ijuru, ukuri kwaryo kwihishe ab’intiti kurusha abandi mu bantu, kandi nta bwenge na bumwe, uko bwaba bucengera kwose, bwashobora kwizera gusesengura iryo yobera. Mu bintu byaremwe byose, niyo ya mbere ihimbaza isumbwe ry’Umuremyi wayo,**

**kwemera ikuzo rya Yo, kwizirika ku kuri kwe no gupfukama imbere ya Yo iyiramya."** [16]

1. Nimwuzuze interuro zikurikira:

   a. Roho ni ________________________ cy'Imana.

   b. Roho ni ____________________,ukuri kwaryo ________________________ ab'intiti kurusha abandi mu bantu kandi ________________________ uko bwaba bucengera kwose bwashobora kwizera ________________________.

   c. Roho ni ________________________ ihimbaza isumbwe ry'Umuremyi wayo ________________________.

   d. Roho ni iyambere ________________________ ikuzo ry'Imana.

   e. Roho ni iyambere ________________________ ku kuri kw'Imana.

   f. Roho ni iyambere ________________________ Iyiramya.

2. Nimwerekane mu mvugo zikurikira izukuri ari izihe.

   _____ "Gusesengura" bivuga kugera ku bumenyi.

   _____ Mu bintu byose byaremwe, icyambere mu kumenya Imana ni ubwonko.

   _____ "Gucengera" bishaka kuvuga kugera kure.

   _____ Umuntu w'intiti yumva neza iyobera rya roho.

   _____ Abahanga mu mitekerereze ya muntu nibo bashobora kwerekana ubuhangange bw'Imana.

   _____ Gutekereza cyane ibyerekeye roho nta kamaro, kuko tudateze kubisobanukirwa namba.

## ICYICIRO CYA 12

Bahá'u'lláh aravuga ati :

**"Mumeze nk'inyoni irambuye amababa yayo, mu byishimo n'icyizere gisesuye, iguruka mw'isanzure ry'ijuru, kugeza igihe, ibitewe n'inzara, imanukana umururumba hejuru y'amazi n'isayo ryo ku butaka, nuko yahagera igafatwa mu mitego y'irari ryayo, ikananirwa kongera gufata ikirere yerekeza mu bwami yaturutsemo. Iyo nyagwa y'inyoni, yananiwe guhungura**

**umuzigo uremereye uri ku mababa yayo yanduye, nka mbere ngo yibere muri paradizo; igomba noneho gushakira intaho yayo mu mukungugu. Yemwe bagaragu banjye ! mwikwanduza rero amababa yanyu n'isayo ry'irari ryanyu ridafashe n'ubugome, kandi ntimwemere na busa ko umukungugu w'ishyari n'urwango ubatwikira, kugira ngo mushobore kugurukira mu ijuru ry'ubumenyi bwanjye butagatifu."** [17]

1. Nimwuzuze interuro zikurikira :

   a Inyoni Bahá'u'lláh acaho amarenga muri uyu mwandiko ni ________________

   b Iyo nyoni yibera muri ______________________

   c Niba amababa yayo yandujwe n'urwondo, ya nyoni noneho igomba gushakira intaho mu ______________________

2. Musubize ibibazo bikurikira:

   a "Amababa" ya roho ashobora "kwandura" mu buryo ki? ________________

   ______________________________________________________________

   ______________________________________________________________

   b Nimusobanure imwe mu mitwaro imeze nk' "amazi n'isayo byo ku isi", iremerera amababa ya roho ________________________________________

   ______________________________________________________________

   ______________________________________________________________

   a Ni iki cyashobora kutubuza kongera kuzamuka twerekeza mu ijuru ry'ubumenyi bw'Imana. __________________________________________

   ______________________________________________________________

   ______________________________________________________________

   b Kuki roho yagurana intaho yayo yo mu ijuru umukungugu wo mu isi? _____

   ______________________________________________________________

   ______________________________________________________________

3. Nimuvuge niba izi mvugo ari ukuri:

_____ Ukwizirika ku bintu by'isi bibangamira iterambere rya roho.

_____ Kwitwara nabi n'ibyifuzo bibi bitubuza kuguruka mu ijuru ry'ubumenyi bw'Imana.

_____ Ishyari n'urwango ni ibintu biri muri kamere ya muntu kandi ntabwo ari umutwaro kuri roho.

_____ Dushobora kwitandukanya n'imitwaro itubuza kuguruka mu bwami bw'ijuru twitandukanya n'ibintu by'iyi si.

_____ Ubuturo bwa roho buba muri iyi isi.

## ICYICIRO CYA 13

Bahá'u'lláh aravuga ati:

**"Imaze kurema isi n'ibiyirimo byose kandi biyiyegayegaho, Imana yashatse kugabira umuntu kubutoni bwihariye Bwayo, kubera igikorwa mbonera cy'ugushaka kwayo kwigenga kandi kw'ikirenga, ubushobozi bwo kuyimenya no kuyikunda, ubushobozi bugomba kubonnwa nk'ubutera gushyugumbwa kandi nk'impamvu nyamukuru itwikiriye iremwa rya byose… kuri kamere ntakuka ya buri kintu cyose cyaremwe, Imana yasenderejeho urumuri rwa rimwe mu mazina Yayo, maze ikigira icyicaro cy'ikuzo ry'imwe mu migenzo Yayo. Ariko kuri kamere muntu yarundarundiyemo uburabagirane bw'amazina n'imigenzo Byayo byose kandi yamugize indorerwamo ya kamere Yayo bwite. Mu bintu byose byaremwe, umuntu wenyine yatoranijwe nk'ikiremwa cy'ubutoni buhagije".**[18]

1. Nimwuzuze interuro zikurikira:

a Imana yashatse Kuri kamere ntakuka ya buri ______________________ cyose cyaremwe, Imana yasenderejeho kugabira umuntu ku butoni bwihariye bwayo, kubera igikorwa mbonera cy'ugushaka kwayo kwigenga kandi kw'ikirenga, ubushobozi bwo __________________.

b Kuri kamere ntakuka ya buri _____________________ cyose cyaremwe, Imana yasenderejeho urumuri rwa _____________________ maze ikigira icyicaro cy'ikuzo k'_______________________

c Ariko kuri kamere muntu yarundarundiyemo __________________________ ________________ kand iyamugize indorerwamo _______________________.

2. Noneho nimusubize ibibazo bikurikira:

a Mushobora gutanga ingero z'imigenzo imwe n'imwe y'Imana? ___________

_______________________________________________________________

_______________________________________________________________

b Ni iyihe mu migenzo y'Imana roho ya muntu ishobora kugaragaza? ________

_______________________________________________________________

_______________________________________________________________

c Ni gute iyi migenzo ishobora kugaragazwa? ___________________________

_______________________________________________________________

_______________________________________________________________

d Ni kukihe kintu kihariye ikiremwa muntu cyatoranijwe? _________________

_______________________________________________________________

_______________________________________________________________

3. Nimwerekane niba izi mvugo zikurikira ari ukuri.

_____ Umuntu ntaho atandukaniye n'ibindi biremwa.

_____ Ubushobozi bwo kumenya Imana no kuyikunda ni imbaraga z'irema ni impamvu yo kubaho ku biremwa byose.

_____ Ukuri kuri buri kiremwa cyose ni ukuba icyicaro kimwe cy'imigenzo y'Imana.

_____ Roho ya muntu ishobora kugaragaza imigenzo yose y'Imana.

## ICYICIRO CYA 14

Bahá'u'lláh aratubwira ati:

**"Ariko izo ngufu, aho izuba ry'ubugwaneza bw'Imana n'isoko y'ubuyobozi butagatifu byageneye ukubaho kwa kamere y'umuntu bihishe muri we, nk'uko igishashi kihishe muri buji kandi nk'uko imirase y'urumuri iba mu itara. Uburabagirane bw'izo ngufu bushobora gukingirizwa n'ibyifuzo bya**

**gahunda y'isi nk'uko urumuri rw'izuba rushobora guhishwa inyuma y'umukungugu n'imyanda itwikiriye indorerwamo. Ari itara, ari buji, ntibishobora kwicana ubwabyo byonyine. Kandi indorerwamo ku bushobozi bwayo bwite, nayo ntiyamenya kurushaho kwisukura imyanda yayo. Birumvikana ko, itara ritazabonesha bataricanye kandi ko, indorerwamo itazashobora kuboneranamo izuba kugeza igihe umukungugu uzahanagurwaho".** [19]

1. "Bihishe muri we" bishaka kuvuga iki? ________________________________
________________________________________________________________

2. Ni ubuhe bushobozi buhishe muri roho y'umuntu? ________________________
________________________________________________________________
________________________________________________________________

3. Ni ubuhe bushobozi itara rigira? ______________________________________

4. bushobozi indorerwamo igira? ________________________________________

5. Ni iki bakora ku itara kugira ngo rishobore kubonesha? ____________________
________________________________________________________________

6. Ni iki twakorera indorerwamo kugirango igaragaze urumuri? _______________
________________________________________________________________

7. Ese itara n'indorerwamo bishobora kwerekana ubushobozi bwabyo ubwabyo byonyine? ______________________________________________________

8. Ni gute twahuza izi ngero ebyiri n'imiterere ya roho ya muntu? ______________
________________________________________________________________
________________________________________________________________
________________________________________________________________

9. Ninde utuma roho ya muntu igaragaza ubushobozi bwayo? __________________
________________________________________________________________

## ICYICIRO CYA 15

Bahá'u'lláh avuga ko:

**"Irembo ry'ubumenyi bw'Uhoraho, kuva kera ryahoze kandi rizahora rikinzwe ubuziraherezo ku maso y'abantu. Nta bwenge na buke bwa muntu buzigera bwinjira mu rurembo Rwayo rwera. Nyamara inshungu y'impuhwe Zayo n'ikimenyetso cy'ubugwaneza Bwayo, yagaragarije abantu inyenyeri zo mu gitondo z'ubuyobozi Bwayo bwera ibimenyetso by'ubumwe Bwayo butagatifu, kandi yashatse ko ubuhanga bw'ibyo biremwa bitunganye buhinduka nk'ubuhanga Bwayo bwite. Uzabemera wese azaba yemeye Imana. Uzanga kumva ijwi ryabo azaba yanze kumva ijwi ry'Imana, uzahamya ukuri kw'Ihishura ryabo azaba ahamije ukuri kw'Imana ubwayo, uzabatera umugongo wese azaba ateye umugongo Imana, utazabizera wese azaba atizeye Imana. Buri wese muri bo ni inzira ihuza iyi si hamwe n'isi z'Imana, buri wese muri bo kandi ni urugero rw'ukuri kw'Imana kubatuye isi n'ijuru. Basobanura ukwigaragaza kw'Imana mu bantu n'ibimenyetso by'ukuri n'ikuzo ry'Imana."** [20]

1. Tugendeye kuri iki gika kiri hejuru nimusubize ibibazo bikurikira:

   a Ese byadushobokera kumenya Imana ubwacu? ______________________

   b Noneho dushobora dute kumenya Imana? ______________________

   ______________________________________________

   c Nimuvuge zimwe mu nyenyeri zo mugitondo z'ubuyobozi bw'Imana? _____

   ______________________________________________

   d Ni irihe jwi abumvise ijwi ry'abahanuzi bumvise? ______________________

   ______________________________________________

   e Ninde tuba dutera umugongo iyo twanga kumva ijwi ry'abahanuzi? ________

   ______________________________________________

2. Nimwuzuze izi nteruro zikurikira:

   a Irembo ry'ubumenyi bw'Uhoraho kuva kera ryahoze kandi rizahoraho ______________________________________________

   b Nta bwenge na buke bwa muntu buzigera ______________________

c Imana yohereje abahanuzi bayo nk'inshungu ___________________________ n'ikimenyetso cy'_____________________________

d Kumenya abahanuzi b'Imana bingana no _____________________________

e Umuntu wese ubemera aba _____________________________

f Umuntu wese utumva ijwi ryabo aba _____________________________

g Buri wese muri bo ni inzira ihuza ______________________________________

_________________________________________________________________

_________________________________________________________________

3. Ni izihe mvugo z'ukuri muri izi?

_____ Dushobora gukura mu butungane tubikesheje imbaraga zacu zonyine.

_____ Imana yaduhaye ubwenge, kandi burahagije mu gutera imbere kwacu.

_____ Tuzatera imbere mu butungane tumenya abahanuzi b'Imana, si ngombwa gushyira imbaraga mu kubigana.

_____ Dutera imbere mu kwemera tumenya abahanuzi b'Imana kandi tunashyiramo imbaraga ngo tubeho dukurikije inyigisho zabo.

_____ Dushobora kumenya Imana ku bwacu twenyine.

_____ Ikiremwa-muntu gishobora kuba neza neza nk'Imana.

_____ Imana ifite ubushobozi burenze kure ibitekerezo bya muntu.

_____ Iyo twumva amagambo y'abahanuzi b'Imana tuba twumva ijwi ry'Imana.

## ICYICIRO CYA 16

Bahá'u'lláh avuga ko:

**"Ubutumwa bw'ibanze bw'abahanuzi n'intumwa z'Imana ni ukuyobora ikiremwa muntu mu nzira igororotse kandi y'ukuri. Icyo ukwigaragaza kwabo kuba kugamije ni ukwigisha abantu bose ku buryo ku isaha yo gupfa kwabo, bazaba bakeye, batagatifujwe kandi nta kintu kibaboshye kugirango bazamuke bajya imbere y'intebe y'Ikirenga."** [21]

Ku wundi murongo aratubwira:

**“Umuntu ni nk’impigi y’ikirenga. Ariko, kutabona uburezi buhagije, byamuvukije ibyo yagenewe by’umwihariko. Ku ijambo ryasohotse mu kanwa k’Imana, yahamagariwe kubaho; ku rindi jambo yahawe ubushobozi bwo kumenya isoko agomba kuvomamo uburezi bwe, ku rindi jambo, yegukanye urwego rwe n’iherezo rye. Usumba byose aravuga ati : Mugereranye umuntu nk’ikirombe cyuzuye amabuye y’agaciro kenshi. Ariko, uburezi bwonyine bushobora guhishura ubukungu bw’icyo kirombe no gutuma kigirira akamaro benemuntu bakahungukira. Umuntu wese uzirikana ibyahishuwe n’Ibyanditswe byaturutse mu ijuru ry’ubushake butagatifu bw’Imana, azemera nta nshiti ko intego Yayo ari iyo gutuma buri kiremwamuntu cyiyumvisha ko, hamwe n’abandi bose, bagize roho imwe rukumbi, bityo ikirango cyanditseho aya magambo; ‘ubwami buzaba ubw’Imana’ gishobore kwandikwa mu mitima yose, kandi n’urumuri rw’ubugwaneza bw’ingabire n’impuhwe by’Imana bitwikire benemuntu bose”.** [22]

1. Ni kuyihe mpamvu abahanuzi n’intumwa z’Imana boherejwe mu isi? __________

_______________________________________________

_______________________________________________

2. Ni iyihe mpamvu y’Ihishura ryabo? __________________________

_______________________________________________

_______________________________________________

_______________________________________________

3. Ijambo “impigi” risobanura iki? __________________________

_______________________________________________

4. Ni iyihe ngaruka yo kubura uburezi bwiza? ____________________

_______________________________________________

5. Uburezi bwiza butera iki? ______________________________

_______________________________________________

_______________________________________________

6. Ni iyihe soko y’uburezi bwacu? __________________________

7. Iherezo ryacu ni irihe? ________________________________

_______________________________________________

8. Ni ayahe mabuye y’agaciro uburezi bugaragaza? ___________________________

_____________________________________________________________________

9. Ni iki twemera iyo tuzirikana ku byanditswe bitagatifu? _____________________

_____________________________________________________________________

_____________________________________________________________________

_____________________________________________________________________

_____________________________________________________________________

_____________________________________________________________________

## ICYICIRO CYA 17

Bahá’u’lláh aravuga ati:

**“Wongeye kumbaza amaherezo ya roho iyo imaze gutandukana n’umubiri. Mu byukuri umenye ko niba yaragendeye mu nzira y’Imana, ntagushidikanya ko izasubira ku Mana, maze yakirwe mu ikuzo rya Nyagukundwa. Ku bw’ubunyakuri bw’Imana izazamurwa ku ntera idashobora gusobanurwa mu nyandiko n’imwe, cyangwa ngo hagire ururimi rubasha kuyirondora. Roho yakomeje kuba indahemuka ku kwemera kw’ Imana, ikaguma kuba indacogora mu nzira Yayo nta kujarajara, nyuma y’izamuka ryayo, izagira ububasha buhagije ku buryo isi zose zaremwe n’Ushobora byose zizungukira muri yo.”** [23]

1. Nimwuzuze interuro zikurikira :

   a Niba roho yaragendeye mu nzira y’Imana, nta gushidikanya ko _____________ ________________________________________________

   b Iyo roho izazamurwa ku ntera _________________________________________ ____________________________

   c ____________________ yakomeje kuba ____________________________ ku _______________________ kw’ ____________________________ ikaguma _____________________ indacogora mu _________________________ nta ___________________________ , nyuma y’ ____________________________, iza ________________ ku buryo isi zose ________________ n’ _____________ zi ____________________________ muri yo.

## ICYICIRO CYA 18

Bahá'u'lláh aratubwira ati:

**"Hahirwa roho, ku isaha izatandukana n'umubiri, izaba yisukuyemo ibitekerezo by'amanjwe by'abantu bo muri iyi si! Bene iyo roho ibaho kandi igendera mu gushaka kw'Umuremyi wayo kandi igasohora muri paradizo y'ikirenga. Imbaga y'ijuru, yituriye mu bushorishori bwo hejuru, izayishagara maze, abahunuzi n'intumwa z'Imana bifuze kuyihora iruhande. Iganirira ibyo biremwa byo mu ijuru uko yababarijwe mu nzira igana Imana, Nyagasani w'isi zose."** [24]

**"Yakagombye kubabarira umunyabyaha kandi ntiyinubire na gato imibereho ye iteye agahinda, kuko nta muntu n'umwe uzi uko iherezo rye rizamera. Bibaho kenshi ko umunyabyaha, ku munota wa nyuma, agera kuri kamere bwite y'ukwemera, akanywera ku nkongoro yo kudapfa maze agafata ikirere asanga inteko yo mu ijuru. Naho undi mu gihe ku isaha yagenewe izamuka rya roho ye, ashobora guhinduka akagwa i kuzimu mu muriro utazima!"** [25]

1. Roho yacu igomba kuba ifite iyihe miterere igihe itandukanye n'umubiri? ______

   ______________________________________________________________

2. Nimuvuge bimwe mu bitekerezo by'amanjwe ______________________________

   ______________________________________________________________

   ______________________________________________________________

   ______________________________________________________________

3. Ni mubuhe buryo roho izira ibitekerezo by'amanjwe izabaho kandi ni he izerekeza yumay'urupfu? ______________________________________________

   ______________________________________________________________

   ______________________________________________________________

   ______________________________________________________________

4. Ni bande bashagara roho nk'iyo? ________________________________

   ______________________________________________________________

5. Ese roho nk'iyo ishobora kuganiriza abahanuzi b'Imana hamwe n'abatoranijwe na Yo ? ______________________________________________________

   ______________________________________________________________

6. Ese hari ubwo dushobora kumenya mbere uburyo n'igihe tuzapfira ? __________

7. Ni iki twakora none ngo tuzagere mu buzima buhoraho twateganyirijwe? _______

_______________________________________________________________

## ICYICIRO CYA 19

'Abdu'l-Bahá asobanura ibi:

**"Nk'uko roho ya muntu ibaho ubuziraherezo nyuma yo kuva mu mubiri, bidashidikanywaho ifite ubushobozi bwo gukomeza kubaho nk'ibindi biremwa byose, rero umuntu ashobora gusengera roho yavuye mu buzima bw'iyi si gukomeza gutera imbere, kubabarirwa, cyangwa kugirirwa impuhwe z'Imana, ibyiza n'imigisha. Niyo mpamvu mumasengesho ya Bahá'u'lláh, imbabazi no kubabarira bituruka ku Mana bisabirwa roho zagiye mu yindi si. Byisumbuyeho, nk'uko muri ino si abantu bakeneye Imana ni nako bayikeneye mu isi izakurikira. Ibiremwa buri gihe biba bishaka Imana, kandi Imana ihora yigenga kuri byo, yaba muri ino si cyangwa izaza."** [26]

Kuki tugomba gusengera roho z'abapfuye?

_______________________________________________________________

_______________________________________________________________

_______________________________________________________________

_______________________________________________________________

_______________________________________________________________

_______________________________________________________________

_______________________________________________________________

_______________________________________________________________

## ICYICIRO CYA 20

'Abdu'l-Bahá yandika ibi kurikira:

**"Mu gihe roho ya muntu izava muri uno mwanda w'umukungugu ikagana mu isi y'Imana, ibyahishwe bizamenyekana n'ukuri kuzajya ahagaragara; ibintu byose byari amayobera bizasobanuka, n'ukuri guhishwe kuzumvikana.**

**"Mutekereze ku kiremwa kiri mu isi yo munda ya nyina, nticyumvaga, nticyarebaga kandi nticyavugaga, murebe ukuntu nta bitekerezo na bimwe cyari gifite. Ariko mu gihe cyavaga muri iyo si y'umwijima cyahise kinjira mu**

**isi y'urumuri noneho amaso yacyo arareba, amatwi yacyo arumva n'ururimi rwacyo ruravuga. Ni mu buryo bumwe rero nikirenga uru rugendo rwo mu isi rurangirana n'urupfu kikajya mu bwami bw'Imana, icyo kiremwa kizavukira mu mwuka noneho ijisho ryo kureba ryacyo rizafunguke, ugutwi kwa roho yacyo kuzumve, n'ukuri kwose kitabashaga gusobanukirwa mbere kizagusobanukirwe mu buryo bworoshye kandi bwumvikana."** [27]

1. Nimwuzuze mu imirongo ikurikira.

   a Iyo roho ya muntu ivuye muri ino si, ubwo;

   — Ibyahishwe ___________________________

   — n'ukuri ___________________________

   — n'ibintu byose byari amayobera ___________________________

   — n'ukuri guhishwe ___________________________

   b Mu isi yo ______________________, nti ___________________________, nti ______________________ kandi ___________________________.

   c Igihe twavukaga muri ino si, amaso yacu ______________________,amatwi yacu______________________ n'ururimi rwacu ______________________.

   d Muburyo bumwe rero nikirenga uru rugendo rwo mu isi rurangirana n'urupfu kikajya mu bwami bw'Imana icyo kiremwa kiza ______________________ mu ______________________

   e Noneho ijisho ryo ____________________ riza ___________________, ugutwi kwacyo _________________, n'______________________ kwose kitabashaga gusobanukirwa mbere ____________________ mu buryo _________________ kandi ______________________.

2. Nimwemeze niba imvugo zikurikira ari ukuri:

_____ Iyo turi mu isi yo munda ya mama wacu, tuba tuzi iby'iyi si.

_____ Imiterere y'ubuzima nyuma y'urupfu twarayihishwe mu gihe tukiri ku isi.

_____ Ikindi kirere gishya kizadufungurirwa roho nyuma y'urupfu.

_____ Iyo dupfuye tugaruka muri ino si kuyivukiramo bundi bushya.

## ICYICIRO CYA 21

Bahá'u'lláh aradusaba ati:

**"Uburero ikibazo kijyanye no kumenya niba roho zikomeza kumenyana nyuma y'urupfu, menya ko roho z'abantu ba Bahá zinjiye kandi zatuye mu nkuge, zigomba guhura kandi zikaganira mu buryo bwimbitse kandi zigomba kubana nk'inkoramutima, ibyo zitekereza, ibyo zifuza byose zikabiharanira zishaka kubaho nka roho imwe. Kandi ziri koko muri roho zajijuwe, zireba neza kandi zifite n'ubumenyi bwinshi. Ibyo rero byatanzwe nk'itegeko n'Umumenyi wa byose, Umwitonzi bitagira urugero.**

**"Abantu ba Bahá batuye mu nkuge y'Imana bose baraziranye kandi bazi uko buriwese amerewe, bunze kandi ubumwe butajegajega mu rukundo n'ubusabane. Iyo miterere iterwa n'ukwemera kwabo n'imyitwarire yabo. Abari ku rwego rumwe bamenya neza bushobozi bwa buri wese, imyitwarire ye, ibyo ashoboye kandi agombwa. Abari mu cyiciro cyo hasi bo ntabwo bashobora kumenya neza urwego rw'abari mu kiciro kisumbuye. Buri wese agomba kwakira umugabane we uvuye kuri Nyagasani we. Harahirwa umuntu wahindukiriye Imana akagendera mu rukundo rwa Yo kugeza igihe roho ye igurukana n'amababa yayo igana ku Mana, Yo mugenga wa byose, Ishobora byose, Ibabarira iteka, Nyirimpuhwe."** [28]

1. Mu isi izaza tuzabasha kumenya abantu twari tuzi muri ino si? ________________

2. Roho zizaba zibanye gute mu isi zizaza? __________________________________

   ____________________________________________________________________

3. Ese gutandukanya roho mu isi izaza bizagendera kuki? ______________________

   ____________________________________________________________________

4. Ese hari umuntu numwe uzamburwa ubuntu bw'Imana? ____________________

## ICYICIRO CYA 22

Bahá'u'lláh adushishikariza agira ati:

**"Yemwe bagaragu banjye! Mur'iyi minsi, no kuri iyi si ntimukababare mu gihe umugambi wategetswe n'Imana utandukanye n'ibyo mwifuza, kuko iminsi y'ibyishimo, y'imigisha n'ibyiza byo mu ijuru byabateganirijwe. Isi ntagatifu kandi z'ubutungane, zizaberekwa mu maso yanyu. Mwagenewe n'Imana muri ino si n'izaza kugira uruhare ku byiza byazo, gusangira mu byishimo byazo, no kugira umugabane ku byiza by'ingabire zazo. Kuri buri imwe muri zo nta gushidikanya na busa, muzayigeraho".** [29]

1. Nimurebe niba imvugo zikurikira ari ukuri:

_____ Tugomba kubabara iyo tugwiriwe n’ibintu bidahuye n’ibyifuzo byacu.

_____ Byaba byiza cyangwa bibi, byose bigenwa n’Imana.

_____ Iminsi y’ibyishimo byinshi yaraduteganirijwe.

_____ Twizeye kuzabona isi ntagatifu kandi z’ubutungane z’Imana.

_____ Ibyatugenewe ni ukubona umugabane w’ibyiza byo muri iyi si, mu buzima turimo no mu buzaza

2. Kubera iki tutagomba kugira agahinda mu gihe ibintu bigenze uko tutabyifuzaga?

_______________________________________________

_______________________________________________

_______________________________________________

3. Ni iki Bahá’u’lláh adusezeranya muri iyi nyandiko tumaze gusoma? __________

_______________________________________________

_______________________________________________

_______________________________________________

## ICYICIRO CYA 23

Muri iki gice, mwize kandi muzirikana igisobanuro nyakuri cy’ubuzima bwa muntu. Mwize byinshi ku miterere ya roho, intego y’ubuzima muri ino si, akamaro ko guteza imbere imigenzo y’ubutungane n’isezerano twahawe ry’ubuzima buzahoraho, bwuje ikuzo n’ibyishimo. Mu gice cya kabiri cy’igitabo twavuze ku ntego ebyiri: guharanira itarambere ryacu ry’ubutungane n’iryubwenge no kugira uruhare mu guhindura umuryango tubamo. Hano hari amahirwe yo gusubira kuri iyo ngingo noneho tugatekereza ku gisobanuro cyo kwita kuri izo ntego ebyiri, mugendeye ku bumenyi mwakiriye ku gutera imbere kwa roho. Ibitekerezo byanyu mu matsinda murimo bishobora kungukira mu biganiro kuri izi ngingo zikurikira.

1. *Guteza imbere imigenzo ya roho*
2. *Kumvira amategeko y’Imana*
3. *Kugira uruhare ku kubaho neza kw’ikiremwa muntu*
4. *Gutera imbere mu nzira y’ubwitange.*

## REFERENCES


1. From a talk given on 10 November 1911, published in *Paris Talks: Addresses Given by ‘Abdu’l-Bahá in 1911* (Wilmette: Bahá’í Publishing, 2006, 2016 printing), no. 29.12–13, p. 109.

2. From a letter dated 1 April 1946 written on behalf of Shoghi Effendi, published in *Lights of Guidance: A Bahá’í Reference File* (New Delhi: Bahá’í Publishing Trust, 1988, 2010 printing), no. 1820, p. 537.

3. From a letter dated 28 July 2016 written on behalf of the Universal House of Justice.

4. ‘Abdu’l-Bahá, in *Some Answered Questions* (Wilmette: Bahá’í Publishing, 2014, 2016 printing), no. 66.3, pp. 352–53.

5. Ibid., no. 38.5, p. 220.

6. From a talk given by ‘Abdu’l-Bahá on 9 November 1911, published in *Paris Talks*, no. 28.16, p. 104.

7. From a letter dated 31 December 1937 written on behalf of Shoghi Effendi, published in *Lights of Guidance*, no. 680, p. 204.

8. *Gleanings from the Writings of Bahá’u’lláh* (Wilmette: Bahá’í Publishing Trust, 1983, 2017 printing), LXXXII, par. 8, p. 183.

9. ‘Abdu’l-Bahá, in *Some Answered Questions*, no. 61.1–2, p. 334.

10. *Gleanings from the Writings of Bahá’u’lláh*, LXXX, par. 2, p. 174.

11. Ibid., LXXXI, par. 1, p. 176.

12. Ibid., CLXV, par. 1–3, pp. 391–92.

13. Bahá’u’lláh, *The Hidden Words* (Wilmette: Bahá’í Publishing Trust, 2003, 2012 printing), Arabic no. 32, p. 11.

14. From a talk given on 6 July 1912, published in *The Promulgation of Universal Peace: Talks Delivered by ‘Abdu’l-Bahá during His Visit to the United States and Canada in 1912* (Wilmette: Bahá’í Publishing, 2012), pp. 315–16. (authorized translation).

15. *Gleanings from the Writings of Bahá’u’lláh*, V, par. 4, p. 8.

16. Ibid., LXXXII, par. 1, pp. 179–80.

17. Ibid., CLIII, par. 6, pp. 370–71.

18. Ibid., XXVII, par. 2, pp. 72–73.

19. Ibid., XXVII, par. 3, p. 73.

20. Ibid., XXI, par. 1, pp. 54–55.

21. Ibid., LXXXI, par. 1, p. 177.

22. Ibid., CXXII, par. 1, pp. 293–94.

23. Ibid., LXXXII, par. 7, p. 182.

24. Ibid., LXXXI, par. 1, pp. 176–77.

25. Ibid., CXXV, par. 3, pp. 300–1.

26. ‘Abdu’l-Bahá, in *Some Answered Questions*, no. 62.3, pp. 340–41.

27. *Selections from the Writings of ‘Abdu’l-Bahá* (Wilmette: Bahá’í Publishing, 2010, 2015 printing), no. 149.3–4, pp. 246–47.

28. *Gleanings from the Writings of Bahá’u’lláh*, LXXXVI, par. 1–2, pp. 192–93.

29. Ibid., CLIII, par. 9, p. 373.